Uturere twakorewemo ibiganiro n'abayobozi n'abakozi bahagarariye ibyiciro

| INTARA | UTURERE |
|---|---|
| Iburengerazuba | Nyabihu- Rubavu- Karongi- Nyamasheke |
| Amajyepfo | Muhanga-Huye-Kamonyi-Nyaruguru |
| Iburasirazuba | Kayonza-Gatsibo- Kirehe |
| Amajyaruguru | Rulindo- Gicumbi |
| Umujyi wa Kigali | Gasabo- Kicukiro |

Utu turere twatoranijwe muri buri ntara hashingiwe ku byavuye mu bushakashatsi bwa CRC 2019, aho hafatwaga uturere dushimwa byaba ku gipimo cyo hejuru cyangwa cyo hasi, ndetse n'utundi twagaragazaga izindi mpinduka zakwitabwaho.

## 2.1. Ibiranga ababajijwe muri ubu ubushakashatsi

Imbonerahamwe zikurikira ziragaragaza ibyiciro biranga ababajijwe.

Imbonerahamwe 7:
Abagabo n'abagore babajijwe

| AKARERE | IGITSINA | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | Gabo | | Gore | | BOSE | |
| | Umubare | % | Umubare | % | Umubare | % |
| Gasabo | 211 | 38.2% | 341 | 61.8% | 552 | 100.0% |
| Kicukiro | 132 | 41.4% | 187 | 58.6% | 319 | 100.0% |
| Nyarugenge | 93 | 32.2% | 196 | 67.8% | 289 | 100.0% |
| Gisagara | 128 | 39.4% | 197 | 60.6% | 325 | 100.0% |
| Huye | 138 | 41.1% | 198 | 58.9% | 336 | 100.0% |
| Kamonyi | 136 | 39.3% | 210 | 60.7% | 346 | 100.0% |
| Muhanga | 128 | 40.0% | 192 | 60.0% | 320 | 100.0% |
| Nyamagabe | 142 | 42.0% | 196 | 58.0% | 338 | 100.0% |
| Nyanza | 133 | 41.6% | 187 | 58.4% | 320 | 100.0% |
| Nyaruguru | 123 | 40.5% | 181 | 59.5% | 304 | 100.0% |
| Ruhango | 127 | 37.5% | 212 | 62.5% | 339 | 100.0% |
| Karongi | 126 | 37.3% | 212 | 62.7% | 338 | 100.0% |
| Ngororero | 149 | 44.0% | 190 | 56.0% | 339 | 100.0% |
| Nyabihu | 113 | 37.8% | 186 | 62.2% | 299 | 100.0% |
| Nyamasheke | 156 | 39.8% | 236 | 60.2% | 392 | 100.0% |
| Rubavu | 139 | 34.8% | 261 | 65.3% | 400 | 100.0% |
| Rusizi | 177 | 43.6% | 229 | 56.4% | 406 | 100.0% |
| Rutsiro | 148 | 46.0% | 174 | 54.0% | 322 | 100.0% |
| Burera | 148 | 45.7% | 176 | 54.3% | 324 | 100.0% |
| Gakenke | 150 | 41.6% | 211 | 58.4% | 361 | 100.0% |
| Gicumbi | 175 | 46.2% | 204 | 53.8% | 379 | 100.0% |
| Musanze | 156 | 43.7% | 201 | 56.3% | 357 | 100.0% |
| Rulindo | 121 | 42.0% | 167 | 58.0% | 288 | 100.0% |
| Bugesera | 163 | 44.9% | 200 | 55.1% | 363 | 100.0% |
| Gatsibo | 185 | 42.7% | 248 | 57.3% | 433 | 100.0% |
| Kayonza | 148 | 43.5% | 192 | 56.5% | 340 | 100.0% |
| Kirehe | 150 | 43.1% | 198 | 56.9% | 348 | 100.0% |
| Ngoma | 144 | 41.7% | 201 | 58.3% | 345 | 100.0% |
| Nyagatare | 200 | 41.6% | 281 | 58.4% | 481 | 100.0% |
| Rwamagana | 128 | 39.6% | 195 | 60.4% | 323 | 100.0% |
| **BOSE HAMWE** | **4367** | **41.1%** | **6259** | **58.9%** | **10626** | **100.0%** |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Imbonerahamwe 8:
Abaturage babajijwe hakurikijwe imyaka

| IMYAKA | IGITSINA | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | Gabo | | Gore | | BOSE | |
| | Umubare | % | Umubare | % | Umubare | % |
| 18-24 | 450 | 4.2% | 806 | 7.6% | 1256 | 11.8% |
| 25-29 | 467 | 4.4% | 807 | 7.6% | 1274 | 12.0% |
| 30-34 | 661 | 6.2% | 1022 | 9.6% | 1683 | 15.8% |
| 35-39 | 688 | 6.5% | 935 | 8.8% | 1623 | 15.3% |
| 40-44 | 523 | 4.9% | 720 | 6.8% | 1243 | 11.7% |
| 45-49 | 414 | 3.9% | 489 | 4.6% | 903 | 8.5% |
| 50-54 | 330 | 3.1% | 421 | 4.0% | 751 | 7.1% |
| 55-59 | 280 | 2.6% | 403 | 3.8% | 683 | 6.4% |
| 60-64 | 256 | 2.4% | 322 | 3.0% | 578 | 5.4% |
| 65 kuzamura | 298 | 2.8% | 334 | 3.1% | 632 | 5.9% |
| **BOSE HAMWE** | **4367** | **41.1%** | **6259** | **58.9%** | **10626** | **100.0%** |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Ishusho 1: Abaturage babajijwe hakurikijwe irangamimerere

| INGARAGU | ARUBATSE | YARAPFAKAYE | ABANA N'UWO BATASEZERANYE MU MATEGEKO | YATANDUKANYE N'UWO BASHAKANYE BYEMEWE N'AMATEGEKO |
|---|---|---|---|---|
| 16.1% | 59.1% | 10.3% | 13.3% | 1.2% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Ishusho 2: Abaturage babajijwe hakurikijwe amashuri bize

| NTAYO | AMASHURI ABANZA GUSA | AMASHURI Y'IMYUGA (ARTISINAL,CERAI, VTC,FAMILIAL) | YARANGIJE AMASHURI YISUMBUYE (D4, D5, D,6, D7, A2, S6, TVET) | YARANGIJE AMASHURI MAKURU Y'IMYUGA (IPRC) | KAMINUZA (A1, Bachelors, Masters, PhD) |
|---|---|---|---|---|---|
| 31.4% | 49.2% | 5.6% | 10.8% | 0.2% | 2.8% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020


Ishusho 3: Abaturage babajijwe hakurikijwe umurimo bakora

| ARI MU KIRUHUKO CY'IZABUKURU | UMUKOZI UTARI UWA LETA | UMUKOZI WA LETA | UMUCURUZI | UMUNYABUKORIKORI |
|---|---|---|---|---|
| 0.5% | 5.0% | 2.2% | 5.2% | 4.0% |

| UMUHINZI/ UMWOROZI | UMUNYESHURI | NTAWO |
|---|---|---|
| 71.9% | 2.5% | 8.7% |


Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Ishusho 4: Abaturage babajijwe hakurikijwe icyiciro cy'ubudehe




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Ishusho 5: Abaturage babajijwe hakurikijwe amafaranga binjiza ku kwezi




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

## 2.2 Ibyiciro byakoreweho ubushakashatsi

**UBUKUNGU:**

- Ubuhinzi
- Ubworozi
- Ibikorwaremezo
- Ikoranabuhanga n'itumanaho
- Ubutaka n'ibidukikije
- Urwego rw'abikorera

**IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE**

- Uburezi
- Ubuzima
- Isuku
- Gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye
- Imibereho y'umuryango Nyarwanda

**IMIYOBORERE**

- Serivice zitangwa n'inzego z'ibanze
- Ubutabera
- Iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi
- Umutekano
- Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa

1

# INKINGI Y'UBUKUNGU






# 1.1.UBUHINZI



## 1.1.1. Intangiriro

Kuri iki cyiciro habajijwe abaturage bakora ubuhinzi uko babona zimwe muri serivisi z'ubuhinzi arizo serivisi za agronome, serivisi z'abajyanama b'ubuhinzi, kubona ifumbire n'inyongeramusaruro ku gihe, kubona imbuto ku gihe, kubona isoko ry'umusaruro, gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku buhinzi, kuhira imyaka , gukoresha imashini zihinga, kubona inguzanyo mu mabanki n'ibigo by'imari iciritse ku bahinzi no kurwanya indwara z'ibihingwa.


Ishusho 6: Abakora ubuhinzi hakurikijwe ibyiciro bitandukanye




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Mu baturage babajijwe bose, abakora imirimo y'ubuhinzi bangana na 78.1%. Muri bo, abagore bangana na 58.6% naho abagabo bakaba 41.4%.


Ishusho 7: Uko abaturage babona serivisi z'ubuhinzi muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Serivisi z'ubuhinzi muri CRC ya 2020 zishimwa ku gipimo cya 58.5% zikanengwa ku gipimo cya 34.5%. Mu bagabo bakora ubuhinzi, abashima serivisi z'ubuhinzi muri rusange ni 58.7% kuri 35.9% bazinenga. Ku ruhande rw'abagore, abashima izo serivisi ni 58.4% naho abazinenga bakaba ku gipimo cya 33.5%.


Ikarita 3: Uko abaturage babona serivisi bahabwa mu buhinzi




Abaturage bo mu turere twose two mu Ntara y'Amajyaruguru barashima ubuhinzi ku bipimo biri hejuru ya 60%. Nk'uko ubu bushakashatsi bwabigaragaje, 20.1% by'ababajijwe nibo bakora ubuhinzi mu Mujyi wa Kigali, ibi bikaba bifitanye isano n'imiterere y'umujyi. Nyamara n'ababukora bashima serivisi bahabwa ku gipimo kiri munsi ya 40%, aho nko mu karere ka Kicukiro kari kuri 27.2% nubwo mu Mujyi wa Kigali hari abakozi bashinzwe ubuhinzi nk'ahandi hose mu gihugu. Byongeye kandi, mu Mujyi wa Kigali, serivisi za agoronome zinengwa ku gipimo cya 66.5%, kikaba aricyo kiri hejuru ugereranije no mu zindi ntara. Biragaragara ko abaturage bakora ubuhinzi mu Mujyi wa Kigali batagezwaho serivisi z'ubuhinzi uko bikwiye.

## 1.1.2. Serivisi z'ubuhinzi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 8: Uko abaturage bashima serivisi z'ubuhinzi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

### 1.1.3. Uko abaturage babona serivisi zitandukanye zo mu buhinzi

Ishusho 9: Uko abaturage babona serivisi zitandukanye mu buhinzi





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Abaturage bagaragaje ko guhunika umusaruro biri ku kigero cyo hasi, aho abashima bari ku gipimo cya 32.5% naho abanenga bakaba ku gipimo cya 63.7%. Abayobozi n'abakozi bo muri serivisi z'ubuhinzi bagaragaje imbogamizi zirimo ibikorwaremezo byo guhunika umusaruro bidahagije hamwe n'imicungire itanoze y'ibihari.

Serivisi zo kubona inguzanyo mu mabanki n'ibigo by'imari iciriritse zinengwa ku gipimo cya 42.9%. Haracyagaragara kandi izindi mbogamizi zirimo imbuto n'inyongeramusaruro zitabonekera ku gihe; ubushobozi budahagije ndetse n'ubuke bw'abacuruzi b'inyongeramusaruro; abakozi bashinzwe ubuhinzi mu mirenge bategera abahinzi uko bikwiye.

Uko abaturage babona ibijyanye no kubona isoko ry'umusaruro, gukoresha imashine zihinga, gutunganya no kongera agaciro ibikomoka ku buhinzi, kuhira imyaka ndetse no kubona isoko ry 'umusruro, bigaragazwa n'ishusho ikurikira.

Ishusho 10: Uko abaturage babona serivisi zo guteza imbere ubuhinzi zisaba ubufatanye bw'inzego zitandukanye





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Biragaragara ko izi serivisi zo guteza imbere ubuhinzi zisaba ubufatanye bw'inzego zitandukanye zishimwa ku bipimo biri hasi cyane kuko uretse isoko ry'umusaruro rishimwa ku gipimo cya 52.3%, ibindi byose birashimwa ku bipimo biri munsi ya 30% mu gihe ibipimo by'abanenga biri hejuru ya 65%. Gukoresha imashini zihinga binengwa ku gipimo kiri hejuru ya 70% mu turere 24; muri two uturere 6 (Ruhango, Bugesera, Gisagara, Nyanza, Kicukiro, Gatsibo) turanenga ku gipimo kiri hejuru ya 90%. Mu turere twa Nyabihu na Burera abavuga ko batazi serivisi zo gukoresha imashini zihinga bari hejuru ya 95%. Bigaragara ko gukoresha imashini zihinga bitaranozwa henshi mu gihugu ndetse hakaba hari n'uturere tumwe zidakoreshwa. Kuhira imyaka binengwa ku gipimo kiri hejuru ya 70% mu turere 18; muri two uturere 4 (Ruhango, Gisagara, Nyanza, Kicukiro) turanenga ku gipimo kiri hejuru ya 90%. Mu turere twa Nyabihu na Burera abavuga ko batazi serivisi zo kuhira imyaka bari hejuru ya 65%. Bigaragara ko serivisi yo kuhira imyaka itaranozwa uko bikwiye.

Ku byerekeye isoko ry'umusaruro, abayobozi ndetse n'abakozi mu buhinzi mu nzego z'ibanze bagaragaje ko igiciro cy'umusaruro gihora gihindagurika bitewe n'ibihe kandi akenshi kikaba kitajyanye n'ibyo umuhinzi aba yashoye.

## 1.1.4. Uko abagabo n'abagore babona isoko ry'umusaruro

Ishusho 11: Uko abagabo n'abagore babona isoko ry'umusaruro





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Muri rusange serivisi zo kubona isoko ry'umusaruro uturuka ku buhinzi zishimwa ku gipimo cya 52.3%. Abagore babajijwe bashima isoko ry'umusaruro ku gipimo cyo hejuru kurusha abagabo kuko barishima ku gipimo kingana na 53.05% mu gihe abagabo bo barishima kuri 51.25%.

## 1.1.5. Inzitizi abaturage bagaragaje muri serivisi z'ubuhinzi

Muri ubu bushakashatsi kandi abaturage babajijwe kuri zimwe mu nzitizi zikibangamira iterambere ry'ubuhinzi nk'uko biragaragazwa n'ishusho ikurikira:

Ishusho 12: Inzitizi abaturage bagaragaje muri serivisi z'ubuhinzi




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Abaturage berekanye ko imihindagurikire y'ibihe, indwara z'ibihingwa ndetse no kutagira inganda nto zitunganya umusaruro ari zo nzitizi ziza ku isonga mu kubangamira iterambere ry'ubuhinzi. Ibi byagaragajwe no mu biganiro n'abayobozi hamwe n'abakozi bashinzwe ubuhinzi aho bemeza ko ibiza byangiza imyaka y'abaturage bigatuma umusaruro wari witezwe utagerwaho ndetse ko hari n'igihe umusaruro ubonekera rimwe ugapfa ubusa kuko uburyo bwo kuwutunganya no kuwubika budahagije ndetse hakaba hari n'aho butari.

## 1.1.6. IBYIFUZONAMA

- Kubaka ubushobozi n'ubufatanye mu guhangana n'imihindagurikire y'ibihe;
- Gushyira imbaraga mu gutuganya no kongerera agaciro ibikomoka ku buhinzi;
- Gushishikariza abikorera kubaka inganda nto zongera umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi;
- Kunoza imikorere n'imikoranire y'inzego mu kwegereza abahinzi imashini zikoreshwa mu buhinzi no kuhira imyaka;
- Kwegereza abaturage ubwanikiro n'ubuhunikiro bw'umusaruro no kunoza imicungire yabwo;
- Kunoza isoko ry'umusaruro bigizwemo uruhare n'inzego zose bireba.

Imbonerahamwe 9:
Uko uturere duhagaze muri serivisi z'ubuhinzi mu myaka ibiri (2019-2020)

| Nº | AKARERE | CRC 2020/ AMANOTA (%) | CRC 2019/ AMANOTA (%) | IMPINDUKA 2019 - 2020 (%) |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Karongi | 71.8% | 56.1% | 15.7% |
| 2 | Nyabihu | 69.6% | 61.4% | 8.2% |
| 3 | Ngororero | 68.0% | 58.6% | 9.4% |
| 4 | Gakenke | 67.6% | 61.9% | 5.7% |
| 5 | Gisagara | 66.2% | 58.0% | 8.2% |
| 6 | Rwamagana | 66.0% | 58.5% | 7.5% |
| 7 | Ngoma | 65.9% | 60.6% | 5.3% |
| 8 | Musanze | 63.4% | 57.6% | 5.8% |
| 9 | Rulindo | 62.9% | 59.2% | 3.7% |
| 10 | Nyanza | 62.0% | 52.7% | 9.3% |
| 11 | Gicumbi | 61.6% | 56.0% | 5.6% |
| 12 | Bugesera | 61.3% | 53.0% | 8.3% |
| 13 | Nyamasheke | 61.0% | 59.6% | 1.4% |
| 14 | Burera | 60.4% | 61.4% | -1.0% |
| 15 | Gatsibo | 60.4% | 49.3% | 11.1% |
| 16 | Rubavu | 59.9% | 45.4% | 14.5% |
| 17 | Nyaruguru | 59.4% | 65.5% | -6.1% |
| 18 | Kayonza | 59.2% | 43.0% | 16.2% |
| 19 | Rusizi | 58.8% | 61.6% | -2.8% |
| 20 | Muhanga | 57.8% | 47.6% | 10.2% |
| 21 | Nyagatare | 54.7% | 48.7% | 6.0% |
| 22 | Ruhango | 53.8% | 41.7% | 12.1% |
| 23 | Kirehe | 53.7% | 53.0% | 0.7% |
| 24 | Huye | 52.9% | 50.3% | 2.6% |
| 25 | Rutsiro | 52.4% | 61.9% | -9.5% |
| 26 | Nyamagabe | 51.8% | 55.6% | -3.8% |
| 27 | Kamonyi | 48.2% | 53.4% | -5.2% |
| 28 | Nyarugenge | 39.5% | 41.9% | -2.4% |
| 29 | Gasabo | 35.3% | 43.9% | -8.6% |
| 30 | Kicukiro | 27.2% | 32.9% | -5.7% |
| | IMPUZANDENGO | 58.5% | 55.0% | 3.5% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020






# 1.2. UBWOROZI

# 1.2.1. Intangiriro

Mu byiciro byakoreweho ubushakashatsi, harimo n'ubworozi nka rumwe mu nzego zitaweho muri gahunda za Leta zifasha mu kuzamura ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage. Abakora imirimo igendanye n'ubworozi babajijwe kuri ibi bikurikira: Serivisi zo gutera intanga, ubuvuzi bw'amatungo, gukumira indwara z'amatungo, serivisi za veterineri, kubona isoko ry'amata n'iry'ibindi bikomoka ku bworozi ndetse no gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku bworozi.


Ishusho 13: Abaturage bakora imirimo y'ubworozi




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Abaturage babajijwe bakora imirimo y'ubworozi bangana na 50.3% ari nabo ijanisha rikurikira rishingiyeho. Muri bo, abagore bangana na 55.6% naho abagabo ni 44.4%. Turebye ibyiciro by'imyaka, dusanga abenshi bangana na 35.3% bakora ubworozi bari hagati y'imyaka 18 na 35, naho abaturage bari mu cyiciro cya gatatu cy'ubudehe nibo benshi mu bakora imirimo y'ubworozi kuko bari ku gipimo cya 46.2%.


Ishusho 14: Uko abaturage babona serivisi z'ubworozi muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Serivisi z'ubworozi zishimwa ku gipimo cya 74.9% mu gihe abazinenga bari ku gipimo cya 22.5%. Mu bagabo bakora ubworozi abashima ni 72.9% mugihe abanenga ari 25.5%. Ku rundi ruhande, 76.4% by'abagore bakora imirimo ijyanye n'ubworozi bashima serivisi bahabwa mu gihe abazinenga bari ku gipimo cya 20.2%.


Ikarita 4: Uko abaturage babona serivisi z'ubworozi muri rusange




Abaturage bo mu turere 18 bashima serivisi z'ubworozi nibura ku gipimo cya 75%. Akarere ka Ruhango niko kari ku isonga mu gushima serivisi z'ubworozi ku gipimo cya 85.7% naho ibipimo biri hasi ni iby'uturere twa Rutsiro (59.2%) na Kicukiro (57.1%). Bigaragara ko zimwe mu mpamvu zatumye utu turere tuza inyuma mu gushima serivisi z'ubworozi ari serivisi za veterineri no gukumira indwara z'amatungo zishimwa ku gipimo cyo hasi.

## 1.2.2. Serivisi z'ubworozi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 15: Uko abaturage babona serivisi z'ubworozi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

## 1.2.3. Uko abaturage bishimiye serivisi zitandukanye z'ubworozi


Ishusho 16: Uko abaturage bishimiye serivisi zitadukanye z'ubworozi




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Serivisi z'ubworozi zishimwa kurusha izindi ni ugukumira indwara z'amatungo, n'ubuvuzi bw'amatungo. Ku rundi ruhande, serivisi yo gutera intanga ni yo inengwa kurusha izindi ku gipimo cya 38.1%. Uturere dutatu (Rutsiro, Nyamagabe , Rusizi) nitwo dufite abanenga serivisi zo gutera intanga kurusha ahandi ku gipimo kiri hejuru ya 50%. Zimwe mu mpamvu zagaragajwe harimo ubuke bw'abatanga izo serivisi ndetse n'ibikoresho byo kubika intanga bidahagije. Hagaragajwe kandi ko abaveterineri batoroherezwa uko bikwiye mu buryo bwo kugera ku baturage.

Ishusho 17: Uko abaturage babona serivisi zo guteza imbere ubworozi zihuriweho n'inzego zitandukanye





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Serivisi yo gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku bworozi niyo inengwa kurusha izindi ku gipimo cya 67.5% mu gihe kubona isoko ry'amata n'ibindi bikomoka ku bworozi binengwa ku gipimo cya 43.5% na 41.8%.

Abayobozi n'abakozi bakurikiranira hafi ubworozi, bagaragaje ko zimwe mu mpamvu zituma izi serivisi zitishimirwa ku kigero gikwiriye harimo amabagiro yujuje ibisabwa akiri make ndetse n'inganda nto zo gutunganya umusaruro ukomoka ku bworozi zidahagije, amakusanyirizo y'amata ataregerezwa aborozi uko bikwiye, ubuziranenge bw'amata ndetse n'imicungire y'amakusanyirizo itanoze bityo bikaba biteza igihombo ku bakorana nayo.

## 1.2.4. Uko abagabo n'abagore babona isoko ry'amata

Ishusho 18: Uko abagabo n'abagore babona isoko ry'amata




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Serivisi zo kubona isoko ry'amata zishimwa ku gipimo cya 51.2% zikanengwa ku gipimo cya 43.5%. Abagabo bakora ubworozi bashima ku gipimo cya 49.54% mu gihe abagore bo bashima izi serivisi ku gipimo cya 52.49%.

## 1.2.5. Inzitizi zigaragara muri serivisi z'ubworozi

Ishusho 19: Inzitizi zigaragara muri serivisi z'ubworozi




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Inzitizi zagaragajwe kurusha izindi ni indwara z'amatungo n'uburyo butanoze bwo gutunganya no guhunika ibiryo by'amatungo.

## 1.2.6. IBYIFUZONAMA

- Konoza ingamba mu gukumira, kwirinda no guhangana n'indwara z'amatungo;
- Kongerera aborozi ubumenyi bwo kwita ku matungo;
- Kunoza uburyo bwo gutunganya no guhunika ibiryo by'amatungo;
- Gushyira imbaraga mu gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku matungo.

Imbonerahamwe 10:
Uko uturere duhagaze muri serivisi z'ubworozi mu myaka ibiri (2019-2020)

| Nº | AKARERE | CRC 2020/ AMANOTA (%) | CRC 2019/ AMANOTA (%) | IMPINDUKA 2019 - 2020 (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Ruhango | 85.7% | 67.1% | ▲ | 18.6% |
| 2 | Rulindo | 84.9% | 76.2% | ▲ | 8.7% |
| 3 | Nyanza | 84.2% | 64.9% | ▲ | 19.3% |
| 4 | Nyarugenge | 83.3% | 65.9% | ▲ | 17.4% |
| 5 | Gakenke | 83.3% | 68.9% | ▲ | 14.4% |
| 6 | Rwamagana | 83.1% | 61.3% | ▲ | 21.8% |
| 7 | Nyabihu | 82.2% | 62.5% | ▲ | 19.7% |
| 8 | Musanze | 80.7% | 55.9% | ▲ | 24.8% |
| 9 | Bugesera | 79.9% | 74.1% | ▲ | 5.8% |
| 10 | Gisagara | 79.3% | 61.9% | ▲ | 17.4% |
| 11 | Karongi | 78.4% | 66.3% | ▲ | 12.1% |
| 12 | Huye | 78.1% | 62.0% | ▲ | 16.1% |
| 13 | Ngoma | 78.0% | 57.7% | ▲ | 20.3% |
| 14 | Muhanga | 77.5% | 57.9% | ▲ | 19.6% |
| 15 | Kamonyi | 77.0% | 72.9% | ▲ | 4.1% |
| 16 | Burera | 76.3% | 69.5% | ▲ | 6.8% |
| 17 | Gicumbi | 75.7% | 69.8% | ▲ | 5.9% |
| 18 | Nyaruguru | 75.1% | 60.0% | ▲ | 15.1% |
| 19 | Ngororero | 74.4% | 57.8% | ▲ | 16.6% |
| 20 | Kirehe | 72.2% | 58.0% | ▲ | 14.2% |
| 21 | Nyamasheke | 71.8% | 59.9% | ▲ | 11.9% |
| 22 | Kayonza | 71.5% | 53.8% | ▲ | 17.7% |
| 23 | Rubavu | 71.4% | 53.3% | ▲ | 18.1% |
| 24 | Gatsibo | 70.3% | 51.4% | ▲ | 18.9% |
| 25 | Gasabo | 70.1% | 72.1% | ▼ | -2.0% |
| 26 | Nyamagabe | 66.1% | 48.1% | ▲ | 18.0% |
| 27 | Rusizi | 62.7% | 49.8% | ▲ | 12.9% |
| 28 | Nyagatare | 60.6% | 56.3% | ▲ | 4.3% |
| 29 | Rutsiro | 59.2% | 68.1% | ▼ | -8.9% |
| 30 | Kicukiro | 57.1% | 56.8% | ▲ | 0.3% |
| IMPUZANDENGO | | 74.9% | 62.7% | ▲ | 12.2% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

# 1.3. IBIKORWAREMEZO






## 1.3.1. Intangiriro

Ibikorwaremezo bihagije kandi bimeze neza biri mu byihutisha iterambere ry'Igihugu. Ubu bushakashatsi bwibanze kuri serivisi z'ibikorwaremezo zikurikira: amazi, amashanyarazi ndetse n'imihanda n'amateme.


Ishusho 20: Uko abaturage babona serivisi z'ibikorwaremezo muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Serivisi z'ibikorwaremezo zishimwa ku gipimo cya 60.0% naho abanenga ni 39.3%. Abagabo bashima ku gipimo cya 58.4% abanenga bakaba ku gipimo cya 41.0% naho abagore bashima kuri 61.0% abanenga bakaba ku gipimo cya 38.1%.


Ikarita 5: Uko abaturage babona serivisi z'ibikorwaremezo muri rusange




Uturere tubiri two mu Mujyi wa Kigali ( Nyarugenge , Kicukiro) dushimwa ku gipimo kiri hejuru ya 80%. Akarere ka Nyamagabe niko kari hasi ku gipimo cya 40.0%.

## I.3.2. Uko abaturage bashima ibikorwaremezo hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 21: Uko abaturage bashima ibikorwaremezo hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

## I.3.3. Serivisi z'ibikorwaremezo zakoreweho ubushakashatsi

Ishusho 22: Uko abaturage bishimiye serivisi zinyuranye bahabwa mu bikorwaremezo





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Ibikorwaremezo bishimwa muri rusange ku bipimo byo hasi, by'umwihariko serivisi z'amazi nizo zinengwa cyane ku gipimo cya 58.8%. Amashanyarazi ku mashuri, ashimwa ku gipimo cya 75.6% naho ibindi bikorwaremezo biranengwa ku gipimo kiri hejuru ya 46%. Abayobozi ndetse n'abakozi bashinzwe ibikorwaremezo, bagaragaje ko zimwe mu mbogamizi zirimo amazi meza ataregerezwa ku baturage uko bikwiye, ibura ry'amazi rya hato na hato, ibiza bitungurana bikangiza ibikorwaremezo ndetse n'ingengo y'imari yo kubisana iba itarateganijwe. Imihanda n'amateme bitameze neza cyane cyane mu bice by'icyaro bikaba inzitizi mu kugeza ku isoko umusaruro ukomoka ku buhinzi n'ubworozi ndetse n'ingengo y'imari idahagije mu kwegereza abaturage ibikorwaremezo.

## I.3.4. Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'amazi

Ishusho 23: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'amazi




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Muri rusange, abaturage bashima serivisi z'amazi ku gipimo cya 41.0%. Nk'uko bigaragara haba ku bagabo no ku bagore, igipimo cyo kunenga kiri hejuru ya 57%.

## 1.3.5. IBYIFUZONAMA

- Kwihutisha gahunda yo kwegereza amazi meza abaturage nk'uko biteganyijwe muri gahunda ya Leta y'imyaka irindwi (NST1);
- Gukomeza kwegereza abaturage amashanyarazi, imihanda n'amateme kuko ari byo shingiro ryo kwihutisha serivisi n'iterambere;
- Kunoza imikorere n'imikoranire y'inzego zishinzwe gukwirakwiza ibikorwaremezo;
- Gukomeza gukangurira abaturage kugira uruhare mu kubaka ibikorwaremezo no kubibungabunga.

Imbonerahamwe 11:
Uko uturere duhagaze muri serivisi z'ibikorwaremezo mu myaka ibiri (2019-2020)

| N° | AKARERE | CRC 2020/ AMANOTA (%) | CRC 2019/ AMANOTA (%) | IMPINDUKA 2019 - 2020 (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Nyarugenge | 82.5% | 82.0% | ▲ | 0.5% |
| 2 | Kicukiro | 81.3% | 75.7% | ▲ | 5.6% |
| 3 | Gasabo | 74.0% | 78.5% | ▼ | -4.5% |
| 4 | Rulindo | 72.6% | 61.8% | ▲ | 10.8% |
| 5 | Musanze | 69.5% | 70.3% | ▼ | -0.8% |
| 6 | Rwamagana | 68.7% | 68.4% | ▲ | 0.3% |
| 7 | Rubavu | 68.0% | 62.3% | ▲ | 5.7% |
| 8 | Gicumbi | 66.5% | 58.9% | ▲ | 7.6% |
| 9 | Rusizi | 66.1% | 70.7% | ▼ | -4.6% |
| 10 | Nyaruguru | 65.1% | 60.8% | ▲ | 4.3% |
| 11 | Ngoma | 62.6% | 65.1% | ▼ | -2.5% |
| 12 | Huye | 60.1% | 63.4% | ▼ | -3.3% |
| 13 | Muhanga | 59.9% | 65.0% | ▼ | -5.1% |
| 14 | Bugesera | 59.8% | 54.5% | ▲ | 5.3% |
| 15 | Rutsiro | 58.9% | 60.7% | ▼ | -1.8% |
| 16 | Kayonza | 58.6% | 56.2% | ▲ | 2.4% |
| 17 | Nyabihu | 58.3% | 53.7% | ▲ | 4.6% |
| 18 | Gisagara | 58.0% | 59.6% | ▼ | -1.6% |
| 19 | Kirehe | 57.8% | 63.6% | ▼ | -5.8% |
| 20 | Nyagatare | 57.8% | 54.7% | ▲ | 3.1% |
| 21 | Gakenke | 56.7% | 53.0% | ▲ | 3.7% |
| 22 | Nyamasheke | 54.0% | 60.3% | ▼ | -6.3% |
| 23 | Kamonyi | 52.3% | 62.0% | ▼ | -9.7% |
| 24 | Ruhango | 52.2% | 57.7% | ▼ | -5.5% |
| 25 | Gatsibo | 48.3% | 50.1% | ▼ | -1.8% |
| 26 | Ngororero | 48.0% | 57.1% | ▼ | -9.1% |
| 27 | Burera | 47.9% | 49.3% | ▼ | -1.4% |
| 28 | Karongi | 45.1% | 58.2% | ▼ | -13.1% |
| 29 | Nyanza | 41.8% | 56.7% | ▼ | -14.9% |
| 30 | Nyamagabe | 40.0% | 59.0% | ▼ | -19.0% |
| IMPUZANDENGO | | 60.0% | 61.7% | ▼ | -1.7% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020




# 1.4. IKORANABUHANGA N'ITUMANAHO



## 1.4.1. Intangiriro

Nk'uko bikubiye muri gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (NST1), biteganyijwe ko mu mwaka wa 2024 serivisi zose zizaba zitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga n'itumanaho. Ni muri urwo rwego ku nshuro ya mbere muri ubu bushakashatsi harebwe uko abaturage babona imiyoboro y'ikoranabuhanga n'itumanaho yifashishwa mu gutanga serivisi harimo interineti, telefoni, radiyo, ikoranabuhanga mu gutanga no gukurikirana ikirego (IECMS), ikoranabuhanga mu mashuri ndetse n'urubuga rw'Irembo.


Ishusho 24: Uko abaturage babona serivisi z' ikoranabuhanga n' itumanaho muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Muri rusange, serivisi z'ikoranabuhanga n'itumanaho zishimwa ku gipimo cya 64.6% zikanengwa ku gipimo cya 26.5%. Abagabo bashima ku gipimo cya 66.1%, bakazinenga ku gipimo cya 26.5%, naho abagore bashima ni 63.5%, abanenga ni 26.4%.


Ikarita 6: Uko abaturage bishimiye serivisi bahabwa mu ikoranabuhanga n'itumanaho muri rusange




Uturere twa Kicukiro na Rulindo nitwo tuza ku isonga mu gushima serivisi z'ikoranabuhanga n'itumanaho ku gipimo cya 77.8% na 75.4%, naho akarere ka Nyagatare niko gashimwa ku gipimo cyo hasi kingana na 53.3%.

## 1.4.2. Ikoranabuhanga n'itumanaho hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 25: Uko abaturage babona serivisi z'ikoranabuhanga n'itumanaho ku rwego rw'Intara




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

## 1.4.3. Imwe mu miyoboro y'ikoranabuhanga n'itumanaho ikoreshwa mu gutanga serivisi

Ishusho 26: Uko abaturage babona imwe mu miyoboro y'ikoranabuhanga n'itumanaho ikoreshwa mu gutanga serivisi




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Radiyo niwo muyoboro ushimwa cyane ku gipimo cya 80% ugakurikirwa na telefoni kuri 64.7% naho interineti niyo ishimwa ku gipimo cyo hasi kingana na 32.4%. Biragaragara ko radiyo na telefoni ariyo miyoboro ikoreshwa cyane n'abaturage naho interineti yo ikaba itazwi ku kigero cyo hejuru kingana na 45%. Mu cyiciro cy'imyaka iri hagati ya 18 na 35 niho higanje abanenga interineti kuri 51.2%. Uturere twa Nyaruguru na Nyamagabe nitwo tugaragaramo abatazi interineti benshi ku gipimo cya 73.7%. Mu Mujyi wa Kigali niho abatazi interineti bari ku gipimo cyo hasi kiri hagati ya 18% na 27% naho mu turere tw'imijyi yunganira Kigali abatazi interineti bari hagati ya 44% na 66%.


Zimwe mu mbogamizi zagaragaye mu biganiro n'abayobozi harimo ikoranabuhanga ritaragera ku baturage uko bikwiye, ibikorwaremezo by'ibanze nk'amashanyarazi bidahagije cyane cyane mu bice by'icyaro, ubumenyi bucye ku ikoreshwa ry'ikoranabuhanga ndetse n'itumanaho ritameze neza kuri telefoni na radiyo mu bice bimwe na bimwe.

## 1.4.4. Urubuga rw'Irembo

Urubuga rw'Irembo ni umuyoboro w'ikoranabuhanga washyizweho nk'uburyo bwo gufasha abaturage kubona serivisi za Leta mu buryo bworoshye, bunoze kandi bwizewe. Muri ubu bushakashatsi harebwe uko abaturage bazi urubuga rw'Irembo, uburyo barukoresha, uko babona serivisi zitangwa hifashishijwe Irembo ndetse n'inzitizi bahura nazo.

### 1.4.4.1. Abazi urubuga rw'Irembo

Ishusho 27: Uko abaturage bazi urubuga rw'Irembo.





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Biragaragara ko urubuga rw'Irembo ruzwi ku gipimo cya 58.9% mu gihe abataruzi ari 41%. Abagabo bazi urubuga rw'Irembo ni 66.2% naho abagore ni 53.7%.

## 1.4.4.2. Uburyo abaturage bakoresha kugira ngo bagere kuri serivisi z'irembo

Ishusho 28: Uburyo abaturage bakoresha kugira ngo bagere kuri serivisi z'Irembo





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Biragaragara ko kwifashisha abakozi b'Irembo (agents) ari bwo buryo bukoreshwa na benshi mu kugera kuri serivisi zitangirwa ku Irembo mu gihe kujya muri cyber cafe no gukoresha interineti ari bwo buryo bukoreshwa na bacye.

## 1.4.4.3. Uko abaturage babona serivisi zitangirwa ku Irembo

Ishusho 29: Uko abaturage bakoresha Irembo babona serivisi zitangirwa ku rubuga rw'Irembo





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Abaturage bakoresha Irembo bashima ku gipimo cya 90.6%. Ibi bigaragaza ko urubuga rw'Irembo rufite uruhare rukomeye mu gutanga serivisi inoze binyuze mu ikoranabuhanga.

### 1.4.4.4. Inzitizi abaturage bahura nazo mu kugera kuri serivisi z'Irembo

Ishusho 30: Inzitizi abaturage bahura nazo mu kugera kuri serivisi z'Irembo





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Inzitizi igaragazwa cyane n'abakoresha serivisi z'irembo ni reseau(network) idahagije, bikaba byarashimangiwe n'abatanga serivisi bemeje ko iyi ari inzitizi bahura nayo mu guha abaturage serivisi. Mu zindi nzitizi harimo gukora urugendo rurerure bagana ahatangirwa serivisi z'Irembo, kubura kw'amashanyarazi ndetse n'ubumenyi budahagije bwo kwisabira izo serivsi.

### 1.4.5. Ikoranabuhanga mu gutanga no gurikirana ikirego mu nzego z'ubutabera (IECMS)

Gutanga no gukurikirana ikirego mu nkiko hifashishijwe ikoranabuhanga ni urubuga rwashyizweho mu korohereza abaturage kugera kuri serivisi z'ubutabera.

Ishusho 31: uko abaturage babona ikoranabuhanga mu gutanga no gukurikirana ikirego mu nzego z'ubutabera




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Abaturage bazi ikoranabuhanga mu gutanga no gukurikirana ikirego mu nzego z'ubutabera bashima ku gipimo cya 65.6% mu gihe 33.8% banenga. Icyakora, hagaragaye ko 41% by'abaturage bose babajijwe muri ubu bushakashatsi batazi ubu buryo bw'ikoranabuhanga mu gutanga no gukurikirana ikirego mu nzego z'ubutabera.

## 1.4.6. IBYIFUZONAMA

- Kongera ubukangurambaga n'amahugurwa ku baturage ku mikoreshereze y'ikoranabuhanga ry'ibanze mu gusaba no gutanga serivisi;
- Gukomeza kwegereza abaturage ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga n'itumanaho, cyane cyane iminara n'imiyoboro ya interineti.
- Kunoza imikorere y'urubuga rw'Irembo no kurumenyekanisha.
- Kumenyekanisha imikoreshereze y'ikoranabuhanga mu gutanga no gukurikirana ikirego mu nzego z'ubutabera.

Imbonerahamwe 12:
Uko uturere duhagaze muri serivisi z'ikoranabuhanga n'itumanaho mu mwaka wa 2020

| Nº | AKARERE | CRC 2020/AMANOTA (%) |
|---|---|---|
| 1 | Kicukiro | 77.8% |
| 2 | Rulindo | 75.4% |
| 3 | Ruhango | 74.9% |
| 4 | Nyarugenge | 72.1% |
| 5 | Gicumbi | 70.6% |
| 6 | Gisagara | 69.1% |
| 7 | Bugesera | 68.1% |
| 8 | Huye | 67.8% |
| 9 | Gasabo | 67.3% |
| 10 | Nyanza | 67.3% |
| 11 | Nyabihu | 67.0% |
| 12 | Rwamagana | 66.4% |
| 13 | Rubavu | 65.2% |
| 14 | Muhanga | 65.0% |
| 15 | Gakenke | 64.7% |
| 16 | Kamonyi | 64.5% |
| 17 | Karongi | 64.3% |
| 18 | Ngoma | 63.0% |
| 19 | Kirehe | 62.8% |
| 20 | Musanze | 62.5% |
| 21 | Ngororero | 62.3% |
| 22 | Nyaruguru | 62.0% |
| 23 | Rutsiro | 62.0% |
| 24 | Rusizi | 60.2% |
| 25 | Burera | 60.1% |
| 26 | Nyamasheke | 59.2% |
| 27 | Kayonza | 58.6% |
| 28 | Gatsibo | 56.4% |
| 29 | Nyamagabe | 54.2% |
| 30 | Nyagatare | 53.3% |
| IMPUZANDENGO | | 64.6% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020





# 1.5. UBUTAKA N'IBIDUKIKIJE




## 1.5.1. Intangiriro

Serivisi z'ubutaka n'ibidukikije zikubiye mu bice bibiri: Icya mbere ni ikirebana n'ubutaka n'imiturire kirimo gutanga ibyangombwa by'ubutaka, kubona amakuru ku gishushanyo mbonera, gukumira imyubakire yo mu kajagari, gukumira imiturire yo mu manegeka, gutanga icyangombwa cyo gusana no kubaka, gutura mu midugudu n'ibikorwaremezo by'ibanze ahagenewe guturwa.

Igice cya kabiri kirebana n'ibidukikije harimo gufata neza amashyamba, kubahiriza metero zagenwe mu kubungabunga ibishanga, imigezi n'inzuzi, gusiba ibyobo ahacukuwe kariyeri ibumba n'amabuye y'agaciro ndetse no kurwanya isuri.


Ishusho 32: Uko abaturage babona serivisi z'ubutaka n'ibidukikije muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Abaturage bazi serivisi z'ubutaka n'imiturire bazishima ku gipimo cya 65.7% naho igipimo cy'abanenga ni 33.3%. Abagabo bashima serivisi z'ubutaka n'ibidukikije ku gipimo cya 64.1% bakazinenga kuri 35.3%. Ku rundi ruhande, abagore bishimiye izi serivisi ku gipimo cya 66.9% naho 31.9% nibo bazinenga.


Ikarita 7: Uko abaturage bishimiye serivisi z'ubutaka n'ibidukikije




Mu turere twa Kicukiro na Rwamagana niho serivisi z'ubutaka n'ibidukikije zishimwa ku gipimo kiri hejuru ya 75% naho mu turere dutanu izi serivisi zishimwa ku gipimo kiri munsi ya 60% aho akarere ka Kamonyi ari ko gashima ku gipimo cyo hasi kingana na 56.1%.

## 1.5.2. Serivisi z'ubutaka n'ibidukikije hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 33: Serivisi z'ubutaka n'ibidukikije hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

## 1.5.3. Serivisi z'ubutaka n'imiturire zakoreweho ubushakashatsi

Ishusho 34: Uko abaturage babona serivisi z'ubutaka zakoreweho ubushakashatsi




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Muri ubu bushakashatsi, abaturage bafite amakuru kuri serivisi z'ubutaka n'imiturire bagaragaje ko gutura mu midugudu, kurwanya imiturire yo mu manegeka no gukumira imyubakire yo mu kajagari bishimwa cyane ku gipimo kiri hejuru ya 80%. Ku rundi ruhande, kubona amakuru ku gishushanyo mbonera, guhererekanya uburenganzira ku butaka ndetse n'ibikorwaremezo by'ibanze ahagenewe guturwa nibyo abaturage banenga ku gipimo cyo hejuru ya 40%. Hafi uturere twose, abanenga ibirebana no kubona amakuru ku gishushanyo mbonera baruta abashima. Ibi bishingiye ku kuba igishushanyo mbonera kidahari cyangwa gihindagurika kenshi bityo bikabangamira ibikorwa byabo bishingiye ku gishushanyo mbonera.


Ku bijyanye n'ibikorwaremezo by'ibanze ahagenewe guturwa, uturere twa Nyamagabe, Gatsibo na Burera nitwo dufite abanenga ku gipimo kiri hejuru ya 60%. Serivisi zo guhererekanya uburenganzira ku butaka, uturere twa Rwamagana, Ruhango, Bugesera na Ngoma bazinenga ku gipimo kiri hejuru ya 45%.

By'umwihariko mu turere tw'Umujyi wa Kigali niho abaturage bagaragaje ko batazi serivisi z'ubutaka ku rugero rwo hejuru. Hanagaragaye ko abagore ari bo benshi batazi serivisi z'ubutaka zirimo guhererekanya uburenganzira ku butaka ku gipimo kiri hejuru ya 69%, kwandikisha ubutaka hejuru ya 68% ndetse no gutanga icyangombwa cy'ubutaka ku gipimo kiri hejuru ya 67%.

Zimwe mu nzitizi zagaragajwe n'abayobozi ndetse n'abakozi b'uturere bashinzwe iki cyiciro ni ibiciro kuri serivisi z'ubutaka biri hejuru, kutabona amakuru ahagije arebana n'igishushanyo mbonera cy'imikoreshereze y'ubutaka, kuba hari aho ibishushanyo mbonera by'imiturire bitaraboneka bigatuma icyangombwa cyo kubaka kitaboneka, abakozi bashinzwe serivisi badahagije ndetse na interineti idahagije idindiza itangwa rya serivisi.

## 1.5.4. Uko abagabo n'abagore babona serivisi zo gutanga ibyangombwa by'ubutaka

Ishusho 35: Uko abagabo n'abagore babona serivisi zo gutanga ibyangombwa by'ubutaka





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Serivisi zo gutanga ibyangombwa by'ubutaka zishimwa ku gipimo cya 62.9%. Abagabo bazishima ku gipimo cya 59.0% naho abagore bagashima kuri 65.9%.

## 1.5.5. Uko abaturage babona kubungabunga ibidukikije

Ishusho 36: Uko abaturage babona serivisi z'ibidukikije zakoreweho ubushakashatsi





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Ubushakashatsi bwagaragaje ko mu rwego rwo kubungabunga ibidukikije, gusiba ahacukuwe kariyeri, ibumba n'amabuye y'agaciro aribyo abaturage bashima ku gipimo kiri hejuru ya 70%. Kurwanya isuri nibyo abanenga bari ku gipimo kiri hejuru cya 65.5%. Inzitizi yagaragajwe ikaba ari ibiza bitera imyuzure n'inkangu bituruka ahanini ku mihindagurikire y'ikirere.

## 1.5.6. Inzitizi zagaragajwe muri serivisi z'ubutaka

Muri serivisi z'ubutaka hagaragajwe inzitizi zitandukanye mu buryo bukurikira.

Ishusho 37: Inzitizi zagaragajwe muri serivisi z'ubutaka




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Icyangombwa cy'ubutaka gihuriweho n'abantu benshi niyo nzitizi yagaragajwe cyane kuko mu gihe hari ukeneye kugikoresha bitamworohera. Izindi nzitizi ziganje ni ugutinda kubona ibyangombwa by'ubutaka ndetse n'ihererekanyabubasha ku butaka ritanoze.

## 1.5.7. IBYIFUZONAMA

- Kumenyekanisha igishushanyombonera cy'imikoreshereze y'ubutaka kugira ngo byorohere abaturage kumenya icyo ubutaka bwabo bwagenewe gukoreshwa;
- Gushyiraho uburyo bunoze bw'imikoreshereze y'icyangombwa cy'ubutaka gihuriweho n'abantu benshi.
- Kwihutisha gutanga ibyangombwa by'ubutaka no kunoza ihererekanyabubasha ku butaka;
- Kuvugurura ikiguzi cya serivisi zo guhererekanya ubutaka kugirango byorohere buri wese;

Imbonerahamwe 13:
Uko uturere duhagaze muri serivisi z'ubutka n'ibidukikije mu myaka ibiri (2019-2020)

| Nº | AKARERE | CRC 2020/ AMANOTA (%) | CRC 2019/ AMANOTA (%) | IMPINDUKA 2019 - 2020 (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Kicukiro | 77.4% | 65.5% | ▲ | 11.9% |
| 2 | Rwamagana | 76.1% | 71.1% | ▲ | 5.0% |
| 3 | Bugesera | 73.1% | 66.1% | ▲ | 7.0% |
| 4 | Musanze | 72.7% | 72.2% | ▲ | 0.5% |
| 5 | Gisagara | 72.4% | 72.8% | ▼ | -0.4% |
| 6 | Rubavu | 71.4% | 61.9% | ▲ | 9.5% |
| 7 | Gakenke | 71.3% | 68.7% | ▲ | 2.6% |
| 8 | Ngoma | 71.2% | 67.9% | ▲ | 3.3% |
| 9 | Rusizi | 69.9% | 66.5% | ▲ | 3.4% |
| 10 | Rulindo | 69.5% | 57.0% | ▲ | 12.5% |
| 11 | Nyaruguru | 66.6% | 66.0% | ▲ | 0.6% |
| 12 | Karongi | 66.6% | 57.2% | ▲ | 9.4% |
| 13 | Burera | 66.5% | 68.8% | ▼ | -2.3% |
| 14 | Huye | 66.2% | 69.0% | ▼ | -2.8% |
| 15 | Gicumbi | 66.1% | 65.6% | ▲ | 0.5% |
| 16 | Nyabihu | 65.8% | 59.7% | ▲ | 6.1% |
| 17 | Kayonza | 65.7% | 60.3% | ▲ | 5.4% |
| 18 | Kirehe | 64.7% | 70.3% | ▼ | -5.6% |
| 19 | Nyagatare | 63.7% | 63.1% | ▲ | 0.6% |
| 20 | Ngororero | 62.5% | 60.2% | ▲ | 2.3% |
| 21 | Nyamasheke | 62.3% | 58.8% | ▲ | 3.5% |
| 22 | Nyamagabe | 62.0% | 58.5% | ▲ | 3.5% |
| 23 | Ruhango | 61.7% | 54.9% | ▲ | 6.8% |
| 24 | Rutsiro | 61.4% | 60.7% | ▲ | 0.7% |
| 25 | Nyanza | 61.1% | 63.8% | ▼ | -2.7% |
| 26 | Gatsibo | 59.5% | 63.0% | ▼ | -3.5% |
| 27 | Muhanga | 58.3% | 60.9% | ▼ | -2.6% |
| 28 | Nyarugenge | 58.1% | 63.7% | ▼ | -5.6% |
| 29 | Gasabo | 56.7% | 60.6% | ▼ | -3.9% |
| 30 | Kamonyi | 56.1% | 63.9% | ▼ | -7.8% |
| IMPUZANDENGO | | 65.7% | 63.9% | ▲ | 1.8% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020






## 1.6. URWEGO RW’ ABIKORERA



# 1.6.1. Intangiriro

Abaturage bagaragaje uko babona zimwe muri serivisi bagezwaho mu rwego rw'abikorera harimo gutwara abantu n'ibintu, serivisi z'amabanki n'ibigo by'imari iciriritse, itumanaho rya telefoni, amahoteli, amaresitora n'utubari ndetse n'imikorere y'amakoperative.


Ishusho 38: Uko abaturage babona serivisi z'urwego rw'abikorera muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Serivisi z'urwego rw'abikorera zishimwa ku gipimo cya 64.3% zikanengwa kuri 30.6%. Abagabo bazishima ku gipimo cya 63.1% naho abazinenga ni 33.1%. Abagore bashima serivisi z'urwego rw'abikorera ku gipimo cya 65.4% bakazinenga kuri 28.4%.


Ikarita 8: Uko abaturage babona serivisi z'abikorera muri rusange




Akarere ka Rulindo niko kaza ku isonga mu gushima serivisi z'urwego rw'abikorera ku gipimo cya 77%. Ikigaragara ni uko kaza mu myanya y'imbere muri serivisi zose z'urwego rw'abikorera zasuzumwe muri ubu bushakashatsi. Ku rundi ruhande, Akarere ka Kirehe niko gashimwa ku gipimo cyo hasi cya 50.2% muri serivisi z'urwego rw'abikorera. Serivisi z'amahoteri na resitora , gutwara abantu n'ibintu ndetse n'imikorere y'amakoperative ni zo serivisi zinengwa cyane mu karere ka Kirehe.

## 1.6.2. Serivisi z'urwego rw'abikorera hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 39: Serivisi z'urwego rw'abikorera hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

## 1.6.3. Uko abaturage babona serivisi z'urwego rw'abikorera

Ishusho 40: Uko abaturage babona serivisi z'urwego rw' abikorera




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020


Muri serivisi z'urwego rw'abikorera, itumanaho rya telefoni niryo rishimwa ku gipimo cyo hejuru cya 71.2% naho serivisi z'amahoteli, resitora n'utubari nizo abaturage bashima ku gipimo cyo hasi cya 46.7%. Gutwara abantu n'ibintu niyo serivisi abanenga bari ku gipimo cya 50.5% bakaba baruta abashima bari kuri 48.9%.

Uturere dufite abashima serivisi zo gutwara abantu n'ibintu bari ku gipimo cyo hasi ni Nyanza (25.0%) na Kirehe (29.3%); naho mu Mujyi wa Kigali, Akarere ka Gasabo niko kari ku gipimo cyo hasi cya 38.9% mu gushima izi serivisi.

Abayobozi bagaragaje ko serivisi z'abikorera zigifite imbogamizi zirimo ibice bimwe na bimwe bitageramo imodoka zo gutwara abantu mu buryo bwa rusange, imihanda n' amateme bitameze neza bikabangamira serivisi zo gutwara abantu n'ibintu. Ikindi ni umuco wo kwakira neza abagana serivisi zitandukanye mu rwego rw'abikorera utaracengera mu batanga serivisi.

### 1.6.4. Uko abagabo n'abagore babona serivisi zihabwa abagana amabanki n'ibigo by'imari iciriritse

Ishusho 41: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'amabanki n'ibigo by'imari icirirtse




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Muri rusage serivisi zihabwa abagana amabanki n'ibigo by'imari iciriritse zishimwa ku gipimo cya 66.7%. Nkuko bigaragara abagore bashima izo serivisi ku gipimo kijya kwegerana n'icy'abagabo babajijwe bazishimaho.

### 1.6.5. Imikorere y'amakoperative

#### 1.6.5.1. Abanyamuryango b'amakoperative





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Hagaragaye ko abanyamuryango b'amakoperative bangana na 15.7% by'abakoreweho ubushakashatsi, aho 35.4% ari abafite imyaka iri hagati ya 18 na 35. Icyakora mu bakoreweho ubushakashatsi, abanyamuryango b'Umurenge n'Umwalimu SACCO bangana na 35.5% bikaba bigaragaza ko hari benshi badasobanukiwe ko za SACCO nazo ari koperative bituma batagira uruhare rukwiye mu mikorere no mu miyoborere yazo.

## 1.6.5.2. Uko abanyamuryango b'amakoperative babona imikorere yayo

Ishusho 42: Uko abanyamuryango b'amakoperative babona imikorere yayo





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Abanyamuryango b'amakoperative bashima imikorere yayo kuri 72.9% aho mu karere ka Karongi ariho bashima ku gipimo cya 91.5% naho uturere twa Huye na Kirehe bashima munsi ya 50%.

## 1.6.5.3. Uko abanyamuryango b'amakoperative babona inzitizi mu mikorere yayo

Ishusho 43: Uko abanyamuryango b'amakoperative babona inzitizi mu mikorere yayo




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Imicungire itanoze y'amakoperative niyo yagaragaye cyane nk'inzitizi. Abanyamuryango b'amakoperative bo mu turere twa Nyarugenge, Kamonyi, Kirehe, Ngoma ndetse na Huye bemeza ko hari imicungire itanoze y'amakoperative ku gipimo kiri hejuru ya 55%. Nanone inzego za Leta zidakurikirana imikorere y'amakoperative ni inzitizi yagaragajwe ku gipimo cya 29.8% cyane cyane mu turere twa Gisagara, Kirehe, Nyamasheke, Ngoma na Huye aho babyemeza ku gipimo kiri hejuru ya 42%.

## 1.6.6. IBYIFUZONAMA

- Gukemura ibibazo bikigaragara muri serivisi zo gutwara abantu n'ibintu;
- Kubaka umuco wo gutanga serivisi inoze mu rwego rw'abikorera;
- Kunoza imiyoborere, imicungire n'imikorere y'amakoperative.

Imbonerahamwe 14:
Uko uturere duhagaze muri serivisi z'abikorera mu myaka ibiri (2019-2020)

| Nº | AKARERE | CRC 2020/ AMANOTA (%) | CRC 2019/ AMANOTA (%) | IMPINDUKA 2019 - 2020 (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Rulindo | 77.0% | 67.6% | ▲ | 9.4% |
| 2 | Kicukiro | 74.4% | 65.6% | ▲ | 8.8% |
| 3 | Karongi | 73.9% | 63.7% | ▲ | 10.2% |
| 4 | Nyabihu | 71.4% | 64.3% | ▲ | 7.1% |
| 5 | Ngororero | 70.9% | 68.8% | ▲ | 2.1% |
| 6 | Rubavu | 70.6% | 63.3% | ▲ | 7.3% |
| 7 | Rwamagana | 69.9% | 72.6% | ▼ | -2.7% |
| 8 | Gicumbi | 67.7% | 61.8% | ▲ | 5.9% |
| 9 | Nyarugenge | 67.7% | 76.2% | ▼ | -8.5% |
| 10 | Muhanga | 67.5% | 67.2% | ▲ | 0.3% |
| 11 | Gakenke | 67.4% | 65.6% | ▲ | 1.8% |
| 12 | Musanze | 67.3% | 71.0% | ▼ | -3.7% |
| 13 | Nyanza | 66.8% | 56.3% | ▲ | 10.5% |
| 14 | Ruhango | 66.3% | 62.7% | ▲ | 3.6% |
| 15 | Rusizi | 65.6% | 66.1% | ▼ | -0.5% |
| 16 | Kamonyi | 65.4% | 73.0% | ▼ | -7.6% |
| 17 | Gasabo | 64.7% | 69.9% | ▼ | -5.2% |
| 18 | Kayonza | 63.8% | 55.2% | ▲ | 8.6% |
| 19 | Rutsiro | 62.4% | 61.6% | ▲ | 0.8% |
| 20 | Nyaruguru | 61.5% | 62.1% | ▼ | -0.6% |
| 21 | Bugesera | 60.7% | 67.2% | ▼ | -6.5% |
| 22 | Gatsibo | 60.4% | 64.6% | ▼ | -4.2% |
| 23 | Ngoma | 59.7% | 59.3% | ▲ | 0.4% |
| 24 | Burera | 59.4% | 66.5% | ▼ | -7.1% |
| 25 | Nyagatare | 58.7% | 55.2% | ▲ | 3.5% |
| 26 | Nyamasheke | 58.2% | 60.0% | ▼ | -1.8% |
| 27 | Gisagara | 57.7% | 52.3% | ▲ | 5.4% |
| 28 | Huye | 57.6% | 60.5% | ▼ | -2.9% |
| 29 | Nyamagabe | 54.8% | 58.8% | ▼ | -4.0% |
| 30 | Kirehe | 50.2% | 55.7% | ▼ | -5.5% |
| IMPUZANDENGO | | 64.3% | 63.8% | ▲ | 0.5% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

2

# INKINGI Y'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE






## 2.1. UBUREZI



## 2. 1.1. Intangiriro

Urwego rw' Uburezi rufite uruhare runini mu iterambere ry'igihugu. Leta y' u Rwanda ikomeje gufata ingamba zitandukanye kugirango urwego rw'Uburezi rukomeza gutera imbere. Ubushakashatsi bwibanze ku isuku ku mashuri, inyubako z'amashuri, uruhare rw'ababyeyi mu myigire y'abana, imfashanyigisho zihagije, amazi meza ku mashuri, gutanga ifunguro ryo ku manywa ku banyeshuri, imyigire y'abana (ireme ry'uburezi), amashuri y'incuke, amashuri y'imyuga, icyumba cy'umukobwa, urugendo abana bakora bajya ku ishuri, ndetse n'uruhare rwa komite y'ababyeyi n'abarimu mu micungire y'amashuri.


Ishusho 44: Uko abaturage babona serivisi z'uburezi muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Muri rusange abaturage babajijwe muri uyu mwaka bagaragaje ko bishimiye serivisi bahabwa mu burezi ku gipimo cya 62.59%. Abagabo bashima ku gipimo cya 62.03% mu gihe abagore bashima kuri 62.98%. Mu myaka ibiri ishize abagore bakomeje kugaragaza ko bashima serivisi z'uburezi ku kigero kiri hejuru ugereranije n'abagabo.


Ikarita 9: Uko abaturage babona serivisi z'uburezi muri rusange




Mu myaka ibiri ikurikirana (2019 , 2020), abaturage b'akarere ka Rulindo bakomeje gushima serivisi z'uburezi ku gipimo kiri hejuru ya 70% (mu mwaka wa 2019: 72.7%, naho uyu mwaka 2020: 71.7%). Akarere ka Gakenke niko gakurikiraho mu gushima serivisi z'uburezi ku gipimo cya 71.6% uyu mwaka. Naho uturere twa Nyagatare na Gatsibo nitwo abaturage bashima serivisi z'uburezi ku gipimo kiri munsi ya 55%.

## 2.1.2. Serivisi z'uburezi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 45: Serivisi z'uburezi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

## 2. 1.3. Uko abaturage babona ibikorwa bimwe na bimwe mu rwego rw'uburezi

Ishusho 46: Uko abaturage bishimiye ibikorwa bitandukanye mu rwego rw'uburezi




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020


Isuku ku mashuri ikomeje kuza ku isonga mu gushimwa n'abaturage ku kigero kiri hejuru y'izindi serivisi mu burezi kuko muri CRC ya 2020 ishimwa ku gipimo cya 80.84% naho muri CRC ya 2019 igashimwa kuri 80.2%.

Imyigire y'abana (ireme ry'uburezi) niyo iza inyuma muri uyu mwaka aho yagabanutseho (4.35%) ivuye kuri 53.6% umwaka ushize uyu mwaka ikaba iri kuri 49.25%.

Bimwe mu byo abayobozi n'abakozi bafite uburezi mu nshingano bagaragaje nk'imbogamizi mu burezi harimo ibikorwaremezo n'ibikoresho by'ikoranabuhanga bitarakwirakwizwa uko bikwiye mu mashuri ndetse n'aho biri ntibyorohereza abafite ubumuga, gahunda yo gutanga ifunguro ryo ku manywa itaranoga ahanini bitewe n'uko ababyeyi batitabira gutangira ku gihe umusanzu wabo, ubucucike mu mashuri bukiri hejuru ndetse n'amashuri y'imyaka cumi n'ibiri ataragera hose.

## 2.1.4. Uko abaturage babona kwegerezwa bimwe mu bikorwa byihariye by'uburezi

Ishusho 47: Uko abaturage babona kwegerezwa bimwe mu bikorwa byihariye by'uburezi





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

CRC 2020 igaragaza ko amashuri y'inshuke ahari ku gipimo cya 85.34%; nubwo abayobozi n'abashinzwe uburezi bagaragaje ko ayo mashuri agifite ibibazo bijyanye n'amikoro bituma akora mu buryo butanoze. Ku birebana n'amashuri y'imyuga, 34.84% bemeza ko ahari mu gihe 62.40% bemeza ko adahari. Mu turere twa Huye, Nyanza, Ngororero, Burera, Gicumbi, Kirehe na Nyagatare niho abemeza ko amashuri y'imyuga adahari ku gipimo kiri hejuru ya 70% , mu gihe aho bemeza ko ahari ku gipimo kiri hejuru ya 50% ari mu turere twa Nyarugenge (58.5%), Muhanga (51.6%) na Rusizi (50.5%).

Gahunda y'icyumba cy'umukobwa ku mashuri ntiragera hose ku kigero gikwiye kuko 53.73% aribo bemeza ko gihari. Ibi bishimangirwa n'abayobozi ndetse n'abafite uburezi mu nshingano bagaragaza ko ahenshi mu mashuri ibikoresho byabugenewe bidahari naho biri bikaba bidahagije, bikaba bigira ingaruka ku myigire y'abana b'abakobwa zirimo gusiba ndetse no guta ishuri kuri bamwe.

Ishusho 48: Uko abagore n'abagabo babona uruhare rwa komite y'ababyeyi n'abarimu (PTA) mu micugire y'amashuri





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Uruhare rwa komite y'ababyeyi n'abarimu (PTA) mu micungire y'amashuri abagabo bashima ku gipimo cya 63.7% naho abagore bo bashima ku gipimo cya 61.8%. Hagendewe ku irangamimerere ry'abubatse ingo, abagore nibo bagaragaza ko batazi uruhare rwa komite y'ababyeyi n'abarimu (PTA) ku gipimo cya 58.7% mu bubatse ingo.

## 2.1.5. Inzitizi abaturage babona ko zibangamira uburezi

Ishusho 49: Inzitizi abaturage babona zikiri mu burezi




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Zimwe mu nzitizi zibangamira iterambere ry'uburezi zigaragazwa cyane n'ubu bushakashatsi ni abana bata ishuri (70.04%), kwimura abana batatsinze (67.97%), ibikorwaremezo bidahagije (63.11%) ndetse n'ubucucike mu mashuri (61.69%).

## 2.1.6. IBYIFUZONAMA

- Kugabanya ubucucike n'ingendo abana bakora bajya ku mashuri;
- Gukomeza ingamba zo kugira icyumba cy'umukobwa mu mashuri n'ibikoresho byabugenewe;
- Gukomeza ingamba zo gushyiraho ibikorwaremezo n'ibikoresho byorohereza abafite ubumuga mu mashuri;
- Kongerera ubushobozi amashuri y'incuke no gushyira imbaraga mu mikorere n'imicungire yayo;
- Kongera umubare w'amashuri y'imyuga mu rwego rwo kuzamura uburyo bwo kwihangira imirimo;
- Gukomeza gukangurira ababyeyi kugira uruhare rugaragara mu burezi n'uburere bw'abana no muri gahunda yo guha abana ifunguro ryo ku manywa;
- Gukomeza ingamba zo guhangana n'ikibazo cy'abana bata ishuri.

Imbonerahamwe 15:
Impinduka y'uko abaturage bashima serivisi z'uburezi muri 2019 na 2020

| Nº | AKARERE | CRC 2020/ AMANOTA (%) | CRC 2019/ AMANOTA (%) | IMPINDUKA 2019 - 2020 (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Rulindo | 71.7% | 72.7% | ▼ | -1.0% |
| 2 | Gakenke | 71.6% | 67.1% | ▲ | 4.5% |
| 3 | Gicumbi | 70.5% | 69.4% | ▲ | 1.1% |
| 4 | Musanze | 69.2% | 69.1% | ▲ | 0.1% |
| 5 | Kicukiro | 68.9% | 64.3% | ▲ | 4.6% |
| 6 | Nyabihu | 68.7% | 64.0% | ▲ | 4.7% |
| 7 | Rwamagana | 68.1% | 68.7% | ▼ | -0.6% |
| 8 | Huye | 67.4% | 64.7% | ▲ | 2.7% |
| 9 | Rusizi | 67.2% | 64.6% | ▲ | 2.6% |
| 10 | Gisagara | 66.1% | 67.4% | ▼ | -1.3% |
| 11 | Ruhango | 65.2% | 68.2% | ▼ | -3.0% |
| 12 | Nyaruguru | 65.0% | 65.9% | ▼ | -0.9% |
| 13 | Karongi | 64.1% | 55.4% | ▲ | 8.7% |
| 14 | Nyamasheke | 63.5% | 64.3% | ▼ | -0.8% |
| 15 | Bugesera | 63.0% | 63.7% | ▼ | -0.7% |
| 16 | Nyarugenge | 62.7% | 71.5% | ▼ | -8.8% |
| 17 | Ngoma | 62.3% | 62.4% | ▼ | -0.1% |
| 18 | Muhanga | 61.7% | 62.2% | ▼ | -0.5% |
| 19 | Rubavu | 61.2% | 62.9% | ▼ | -1.7% |
| 20 | Rutsiro | 61.2% | 63.9% | ▼ | -2.7% |
| 21 | Burera | 60.6% | 66.3% | ▼ | -5.7% |
| 22 | Nyanza | 60.1% | 58.4% | ▲ | 1.7% |
| 23 | Ngororero | 59.8% | 65.5% | ▼ | -5.7% |
| 24 | Nyamagabe | 59.3% | 63.3% | ▼ | -4.0% |
| 25 | Kamonyi | 59.1% | 68.2% | ▼ | -9.1% |
| 26 | Gasabo | 57.0% | 68.3% | ▼ | -11.3% |
| 27 | Kayonza | 56.2% | 45.0% | ▲ | 11.2% |
| 28 | Kirehe | 54.7% | 60.4% | ▼ | -5.7% |
| 29 | Gatsibo | 52.0% | 49.9% | ▲ | 2.1% |
| 30 | Nyagatare | 51.1% | 56.6% | ▼ | -5.5% |
| | IMPUZANDENGO | 62.6% | 63.6% | ▼ | -1.0% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020




# 2.2. UBUZIMA

## 2.2.1. Intangiriro

Leta y'u Rwanda ikomeje guharanira ko abanyarwanda bagira ubuzima bwiza kandi serivisi z'ubuzima zikagera kuri bose ibinyujije muri gahunda na serivisi zitandukanye. Izibanzweho muri ubu bushakashatsi zirimo gukingira indwara, abajyanama b'ubuzima, kuringaniza urubyaro, ubukangurambaga mu birebana n'imirire, ubwisungane mu kwivuza, imbangukiragutabara, ibikorwaremezo n'ibikoresho by'amavuriro, kwakira no kwita ku barwayi, serivisi za farumasi, abakozi b'amavuriro, na serivisi zitangirwa mu bitaro no mu bigo nderabuzima.


Ishusho 50: Uko abaturage babona serivisi z'ubuzima muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Muri rusange gahunda na servisi z'ubuzima zirashimwa ku gipimo cya 72.36%. Abagore bazishima ku gipimo cya 72.69%, naho abagabo bakazishima ku gipimo cya 71.89%.

Ikarita 10: Uko abaturage babona serivisi z'ubuzima




Uturere tuza ku isonga mu gushima serivisi z'ubuzima ni Rulindo (82.9%), Gakenke (82.4%), Gisagara (82%), Gicumbi (80.4%), Rwamagana (81.3%), Ruhango (80.1%) na Nyabihu (80%). Akarere ka Gasabo niko kari ku gipimo cyo hasi cya 56.2%.

## 2.2.2. Uko abaturage bishimiye serivisi z'ubuzima ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 51: Uko abaturage bishimiye serivisi z'ubuzima ku rwego rw' Intara n'Umujyi wa Kigali




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

## 2.2.3. Serivisi z'ubuzima zitandukanye zakoreweho ubushakashatsi

Ishusho 52: Uko abaturage babona serivisi z'ubuzima





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Muri gahunda na serivisi z'ubuzima zakoreweho ubushakashatsi, enye (4) zishimiwe ku kigero kiri hejuru 80% aho serivisi zo gukingira indwara ziza ku isonga ku gipimo cya 93.8%. Naho umubare w'abakozi mu mavuriro, serivisi za farumasi ndetse no kwakira no kwita ku barwayi biranengwa ku gipimo kiri hejuru ya 42%.

## 2.2.4. Uko abaturage bishimira serivisi bahabwa ku mavuriro

Ishusho 53: Uko abaturage bishimiye serivsi z'ubuzima bahabwa ku bitaro, ibigo nderabuzima n'ivuriro (poste de santé)




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Abayobozi n'abashinzwe ubuzima bagaragaje ko hakiri imbogamizi zituma abaturage badahabwa serivisi z'ubuzima uko bikwiye. Muri zo harimo abakozi b'amavuriro badahagije, amavuriro atinda kwishyurwa ku bakoresha ubwisungane mu kwivuza, amavuriro mato (poste de sante) ataragera hose ndetse n'aho ari hakaba harimo adakora neza cyangwa amwe n'amwe yarafunze imiryango; ikoranabuhanga rikoreshwa mu bwisungane mu kwivuza rigifite imbogamizi zidindiza imitangire ya serivisi ndetse n'umukozi ushinzwe ubwisungane mu kwivuza udakora mu minsi y'impera y'icyumweru (weekend) bigatuma hari ababura serivisi bari bazikeneye.

## 2.2.5. IBYIFUZONAMA

- Kunoza imikorere y'ikoranabuhanga mu bwisungane mu kwivuza;
- Kubaka umuco w'imitangire ya serivisi inoze mu rwego rw'ubuvuzi;
- Gukomeza kwegereza abaturage amavuriro mato (Poste de sante) no kunoza imikorere yayo;
- Kwishyurira ku gihe ibigo nderabuzima n'ibitaro;
- Kunoza serivisi za farumasi z'uturere.

Imbonerahamwe 16:
Impinduka y'uko abaturage bashima serivisi z'ubuzima muri 2019 na 2020

| Nº | AKARERE | CRC 2020/ AMANOTA (%) | CRC 2019/ AMANOTA (%) | IMPINDUKA 2019 - 2020 (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Rulindo | 82.9% | 79.9% | ▲ | 3.0% |
| 2 | Gakenke | 82.4% | 78.4% | ▲ | 4.0% |
| 3 | Gisagara | 82.0% | 77.9% | ▲ | 4.1% |
| 4 | Rwamagana | 81.3% | 73.4% | ▲ | 7.9% |
| 5 | Gicumbi | 80.4% | 79.2% | ▲ | 1.2% |
| 6 | Ruhango | 80.1% | 73.8% | ▲ | 6.3% |
| 7 | Nyabihu | 80.0% | 75.3% | ▲ | 4.7% |
| 8 | Nyanza | 79.4% | 74.3% | ▲ | 5.1% |
| 9 | Burera | 76.6% | 83.1% | ▼ | -6.5% |
| 10 | Karongi | 76.3% | 72.5% | ▲ | 3.8% |
| 11 | Huye | 75.9% | 74.5% | ▲ | 1.4% |
| 12 | Bugesera | 75.8% | 76.1% | ▼ | -0.3% |
| 13 | Ngororero | 75.5% | 75.6% | ▼ | -0.1% |
| 14 | Muhanga | 75.3% | 74.3% | ▲ | 1.0% |
| 15 | Kayonza | 74.0% | 60.7% | ▲ | 13.3% |
| 16 | Musanze | 73.4% | 72.8% | ▲ | 0.6% |
| 17 | Gatsibo | 72.4% | 62.7% | ▲ | 9.7% |
| 18 | Rubavu | 71.8% | 63.2% | ▲ | 8.6% |
| 19 | Kamonyi | 71.6% | 75.7% | ▼ | -4.1% |
| 20 | Kicukiro | 70.3% | 66.1% | ▲ | 4.2% |
| 21 | Nyamagabe | 69.2% | 71.0% | ▼ | -1.8% |
| 22 | Nyaruguru | 67.6% | 70.0% | ▼ | -2.4% |
| 23 | Rutsiro | 67.1% | 76.1% | ▼ | -9.0% |
| 24 | Ngoma | 66.5% | 75.2% | ▼ | -8.7% |
| 25 | Nyagatare | 66.2% | 69.8% | ▼ | -3.6% |
| 26 | Nyamasheke | 66.0% | 71.4% | ▼ | -5.4% |
| 27 | Nyarugenge | 63.8% | 72.6% | ▼ | -8.8% |
| 28 | Kirehe | 63.6% | 74.6% | ▼ | -11.0% |
| 29 | Rusizi | 63.6% | 69.7% | ▼ | -6.1% |
| 30 | Gasabo | 56.2% | 74.3% | ▼ | -18.1% |
| IMPUZANDENGO | | 72.4% | 72.9% | ▼ | -0.5% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020




# 2.3. ISUKU

## 2. 3.1. Intangiriro

Kwita ku isuku ni ishingiro ry'ubuzima bwiza. Nk'uko bivugwa isuku ni isoko y'ubuzima. Abaturage babajijwe uko babona isuku yo mu ngo , ku mubiri ndetse n'ahantu hatandukanye hahurira abantu benshi harimo mu mavuriro, mu masoko, mu mahoteri n'amaresitora, no mu biro by'inzego z'ibanze.


Ishusho 54: Uko abaturage babona isuku muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Muri CRC 2020 isuku ishimwa ku gipimo cya 73.89%. Ugereranyije n'umwaka ushize iki gipimo cyazamutseho (4.69%) kivuye kuri 69.2%. Abagabo bashima ku gipimo cya 74.21% naho abagore bagashima ku gipimo cya 73.67%.

Ikarita 11: Uko abaturage babona isuku




Akarere ka Musanze niko kaza ku isonga aho isuku ishimwa ku gipimo cya 80.1%, cyazamutseho 13.67% kivuye kuri 66.4% muri CRC ya 2019. Naho uturere twa Ruhango, Nyamagabe na Nyaruguru niho bashima isuku ku gipimo kiri munsi ya 70%.

## 2.3.2. Uko abaturage babona isuku hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 55: Uko abaturage bashima isuku ku hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

## 2.3.3. Uko abaturage babona isuku

Ishusho 56: Uko abaturage babona isuku





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Isuku ku mavuriro niyo iza ku isonga ku gipimo cya 93.46%, naho isuku ku biro by'akagari n'iby'umurenge ishimwa ku gipimo cya 90.54%. Isuku mu maresitora n'utubari niyo ishimwa ku gipimo kiri hasi cya 52.85%.

## 2.3.4. Ibitera isuku nke

Ishusho 57: Ibitera isuku nke




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Ubu bushakashatsi bugaragaza ko isuku nke iterwa ahanini n'imyumvire iri hasi (82.94%) no kutagira amazi meza (44.25%). Izindi mpamvu ni ukurarana n'amatungo biri ku gipimo cya 29.48% n'imiturire yo mu kajagari biri ku gipimo cya 16.58%. Abayobozi n'abashinzwe isuku nabo bemeza ko imyumvire y'abaturage ku isuku ikiri hasi ndetse no kurarana n'amatungo biri mubituma hakigaragara isuku nke.

## 2.3.5. IBYIFUZONAMA

- Gukaza ingamba zo kwita ku isuku yo mu masoko, amahoteri na resitora;
- Gushyira ubwiherero rusange ahantu hose hahurira abantu benshi no kunoza imicungire yabwo;
- Gukomeza gutoza abaturage umuco wo kugira isuku mu ngo no ku mubiri mu rwego rwo kwirinda indwara ziterwa n'isuku nke;
- Gushyiraho ingamba zatuma abaturage bacika ku muco wo kurarana n'amatungo.

Imbonerahamwe 17:
Impinduka y'uko abaturage bashima isuku muri 2019 na 2020

| Nº | AKARERE | CRC 2020/ AMANOTA (%) | CRC 2019/ AMANOTA (%) | IMPINDUKA 2019 - 2020 (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Musanze | 80.1% | 66.4% | ▲ | 13.7% |
| 2 | Nyarugenge | 79.9% | 70.5% | ▲ | 9.4% |
| 3 | Kicukiro | 78.9% | 66.6% | ▲ | 12.3% |
| 4 | Rulindo | 78.8% | 69.7% | ▲ | 9.1% |
| 5 | Muhanga | 77.9% | 65.9% | ▲ | 12.0% |
| 6 | Kamonyi | 77.4% | 75.9% | ▲ | 1.5% |
| 7 | Rusizi | 76.8% | 63.3% | ▲ | 13.5% |
| 8 | Ngoma | 76.7% | 70.6% | ▲ | 6.1% |
| 9 | Nyamasheke | 76.3% | 71.5% | ▲ | 4.8% |
| 10 | Burera | 75.2% | 68.9% | ▲ | 6.3% |
| 11 | Nyabihu | 74.7% | 69.3% | ▲ | 5.4% |
| 12 | Gicumbi | 74.5% | 73.9% | ▲ | 0.6% |
| 13 | Rwamagana | 74.5% | 75.4% | ▼ | -0.9% |
| 14 | Rutsiro | 74.2% | 72.4% | ▲ | 1.8% |
| 15 | Gasabo | 73.8% | 72.9% | ▲ | 0.9% |
| 16 | Gakenke | 73.7% | 68.3% | ▲ | 5.4% |
| 17 | Rubavu | 73.5% | 67.0% | ▲ | 6.5% |
| 18 | Nyagatare | 72.9% | 70.6% | ▲ | 2.3% |
| 19 | Gatsibo | 72.9% | 77.1% | ▼ | -4.2% |
| 20 | Kirehe | 72.8% | 70.0% | ▲ | 2.8% |
| 21 | Huye | 72.7% | 62.9% | ▲ | 9.8% |
| 22 | Gisagara | 72.2% | 66.1% | ▲ | 6.1% |
| 23 | Nyanza | 72.1% | 63.2% | ▲ | 8.9% |
| 24 | Kayonza | 71.8% | 75.3% | ▼ | -3.5% |
| 25 | Ngororero | 71.2% | 66.6% | ▲ | 4.6% |
| 26 | Karongi | 70.8% | 63.6% | ▲ | 7.2% |
| 27 | Bugesera | 70.3% | 72.2% | ▼ | -1.9% |
| 28 | Ruhango | 69.9% | 66.2% | ▲ | 3.7% |
| 29 | Nyaruguru | 65.8% | 64.5% | ▲ | 1.3% |
| 30 | Nyamagabe | 65.4% | 67.6% | ▼ | -2.2% |
| IMPUZANDENGO | | 73.9% | 69.2% | ▲ | 4.7% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Girinka




## 2.4. GAHUNDA ZO KUZAMURA IMIBEREHO NO KWITA KU BATISHOBOYE



## 2.4.1. Intangiriro

Mu rwego rwo kurushaho gufasha abanyarwanda bari mu cyiciro cy'ubukene n'ubukene bukabije gutera imbere no kwigira, u Rwanda rwashyizeho gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye. Ubu bushakashatsi bwibanze kuri VUP, Girinka ndetse no kubakira abatishoboye.


Ishusho 58: Gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Muri rusange, abaturage bagaragaje ko  bashima gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye ku gipimo cya 68.62%. Abagore bashima ku gipimo cya 68.01% naho abagabo bagashima ku gipimo cya 67.59%.

Ikarita 12: Gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye





Muri CRC 2020, uturere tuza ku isonga mu gushima gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye ni Nyanza (82.9%), Ngororero (82.6%) na Bugesera (81.2%). Uturere tw'Umujyi wa Kigali (Gasabo, Kicukiro na Nyarugenge) n'uturere twa Huye na Nyatagare niho abaturage bashima izi gahunda ku gipimo kiri hasi.

Ubushakashatsi bugaragaza ko 47.9% by'ababajijwe mu Mujyi wa Kigali batazi izo gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye. Mu karere ka Gasabo abatazi gahunda ya VUP ni 40.6%, Kicukiro ni 52.7% naho Nyarugenge ni 28.7%. Mu karere ka Gasabo abatazi gahunda ya Girinka ni 44.7%, Kicukiro ni 58.3% naho Nyarugenge ni 51.9% mugihe abatazi gahunda yo kubakira abatishoboye mu karere ka Gasabo ari 30.4%, Kicukiro ni 34.5% naho Nyarugenge bakaba 29.8%. Ingaruka y'uko hari benshi batazi izi gahunda ni uko gutoranya abagenerwabikorwa bidakorwa neza bikaba byatuma hari abakomeza gukena kandi izi gahunda zzibafasha kwiteza imbere.

## 2.4.2. Gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 59: Gahunda zo kuzamura imibeeho no kwita ku batishoboye hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

## 2.4.3. Gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye zakoreweho ubushakashatsi


Ishusho 60: Gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye zakoreweho ubushakashatsi




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020


Muri rusange, biragaragara ko gahunda zitandukanye zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye zishimwa ku gipimo gishimishiije ugereranije n'umwaka ushize. Gahunda yo kubakira abatishoboye yavuye ku gipimo cya 70.3% umwaka ushize igera ku gipimo cya 75.5% uyu mwaka. Guhitamo abagenerwabikorwa ba Girinka byavuye kuri 66.8% bigera kuri 71.6% muri CRC ya 2020 naho guhitamo abagenerwabikorwa ba VUP byavuye kuri 57.8% bigera kuri 70.8%.

Ishusho 61: Uko abagabo n'abagore babona gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Ishusho 62: Uko abaturage babona ibikorwa bya gahunda ya VUP





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Inkunga y'ingoboka niyo serivisi ishimwa ku gipimo cyo hejuru cya 69.8% naho serivisi y'inguzanyo z'imishinga ya VUP niyo ishimwa ku gipimo cyo hasi cya 42.7% mu gihe abatazizi bangana na 37.7%. Abayobozi n'abakozi bashinzwe imibereho myiza y'abaturage bagaragaje ko abagenerwabikorwa batitabira uko bikwiye inguzanyo z'imishinga ya VUP, bitewe n'ubumenyi buke mu gutegura imishinga. Ku birebana n'imirimo y'amaboko ihemberwa bagaragaza ko hari ahakigaragara ikibazo cyo gutinda kwishyurwa.

## 2.4.4. Impamvu zitangwa n'abanenga gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye

Ishusho 63: Impamvu zitangwa n'abavuga ko gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboyeo zidashimishije




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Abaturage bagaragaje ko mu bituma serivisi za Girinka, VUP no kubakira abatishoboye zitagenda neza uko bikwiye ikiza ku isonga ari imikorere mibi y'abayobozi . Izindi mpamvu zigaragazwa ni ikimenyane n'akarengane, ruswa ndetse n'abaturage bamwe batari inyangamugayo. Abayobozi n'abashinzwe kwita ku mibereho myiza y'abaturage bagaragaje inzitizi zirimo amazu menshi y'abatishoboye yashaje akeneye kuvugururwa, bamwe mu bagenerwabikorwa bafashwa ariko ntibabigire ibyabo ngo babyiteho uko bikwiye hakaba hari n'abandi bumva ko bahora bafashwa.

## 2.4.5. IBYIFUZONAMA

- Gukomeza kubaza abayobozi ibyo bashinzwe muri gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye;
- Kunoza uburyo bwo guhitamo abagenerwabikorwa muri gahunda zitandukanye zifasha abatishoboye;
- Gukangurira abaturage gukoresha neza inkunga bahabwa mu rwego rwo kubafasha kwigira;
- Kubaka ubushobozi bw'abaturage mu gutegura imishinga y'inguzanyo mu mabanki n'ibigo by'imari iciriritse;
- Kwishyurira ku gihe abagenerwabikorwa b'imirimo y'amaboko ihemberwa muri VUP;
- Gukora isesengura ryihariye kuri gahunda zo kwita ku mibereho myiza y'abaturage bari mu cyiciro cy'ubukene n'ubukene bukabije mu Mujyi wa Kigali.

Imbonerahamwe 18:
Impinduka y'uko abaturage bashima serivisi zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye muri 2019 na 2020

| Nº | AKARERE | CRC 2020/ AMANOTA (%) | CRC 2019/ AMANOTA (%) | IMPINDUKA 2019 - 2020 (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Nyanza | 82.9% | 68.1% | ▲ | 14.8% |
| 2 | Ngororero | 82.6% | 65.7% | ▲ | 16.9% |
| 3 | Bugesera | 81.2% | 73.1% | ▲ | 8.1% |
| 4 | Rutsiro | 78.6% | 69.5% | ▲ | 9.1% |
| 5 | Karongi | 78.6% | 69.5% | ▲ | 9.1% |
| 6 | Nyabihu | 78.0% | 71.9% | ▲ | 6.1% |
| 7 | Rulindo | 77.7% | 65.6% | ▲ | 12.1% |
| 8 | Ruhango | 77.2% | 61.6% | ▲ | 15.6% |
| 9 | Gicumbi | 76.9% | 75.4% | ▲ | 1.5% |
| 10 | Rubavu | 76.9% | 66.1% | ▲ | 10.8% |
| 11 | Gisagara | 75.7% | 72.7% | ▲ | 3.0% |
| 12 | Nyamasheke | 74.4% | 68.1% | ▲ | 6.3% |
| 13 | Gakenke | 74.3% | 71.0% | ▲ | 3.3% |
| 14 | Rusizi | 71.6% | 65.9% | ▲ | 5.7% |
| 15 | Muhanga | 71.0% | 70.5% | ▲ | 0.5% |
| 16 | Nyamagabe | 69.5% | 63.0% | ▲ | 6.5% |
| 17 | Ngoma | 69.2% | 69.3% | ▼ | -0.1% |
| 18 | Burera | 68.6% | 72.6% | ▼ | -4.0% |
| 19 | Kirehe | 68.2% | 77.2% | ▼ | -9.0% |
| 20 | Nyaruguru | 68.1% | 63.1% | ▲ | 5.0% |
| 21 | Musanze | 67.8% | 68.4% | ▼ | -0.6% |
| 22 | Rwamagana | 65.6% | 71.5% | ▼ | -5.9% |
| 23 | Kamonyi | 63.7% | 68.7% | ▼ | -5.0% |
| 24 | Gatsibo | 62.3% | 57.1% | ▲ | 5.2% |
| 25 | Kayonza | 61.8% | 58.3% | ▲ | 3.5% |
| 26 | Huye | 59.8% | 56.8% | ▲ | 3.0% |
| 27 | Nyagatare | 58.4% | 70.9% | ▼ | -12.5% |
| 28 | Kicukiro | 42.3% | 62.7% | ▼ | -20.4% |
| 29 | Gasabo | 38.1% | 61.0% | ▼ | -22.9% |
| 30 | Nyarugenge | 36.7% | 58.8% | ▼ | -22.1% |
| IMPUZANDENGO | | 68.0% | 67.3% | ▲ | 0.7% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020




## 2.5. IMIBEREHO Y’UMURYANGO NYARWANDA

## 2.5.1. Intangiriro

Umuryango nyarwanda ni wo shingiro kamere ry'imbaga y'Abanyarwanda nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y' U Rwanda. Umuryango urengerwa na Leta niyo mpamvu muri gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi, Leta yiyemeje kuzibanda ku kuzamura imibereho myiza y'umuryango.

Ku birebana n'imibereho y'umuryango nyarwanda, ubushakashatsi bwibanze kuri ibi bikurikira: ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango, uburenganzira bw'abana, uburenganzira bw'abafite ubumuga, umuryango n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, ubwiganze bw'ibibazo byo mu miryango, impamvu zitera ibibazo mu muryango n'akamaro k'ikigo mbonezamikurire (ECD).


Ishusho 64: Uko umuryango nyarwanda uhagaze muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

CRC ya 2020 igaragaza ko abaturage bishimiye uko umuryango nyarwanda uhagaze ku gipimo cya 73.5%. Ugereranyije na CRC 2019, iki gipimo cyagabanutseho (3.6%) kivuye kuri 77.1%. Abagabo bashima ku gipimo cya 75.7% kivuye kuri 79.1% umwaka ushize; naho abagore bashima ni 71.9% bavuye kuri 75.5% umwaka ushize.


Ikarita 13: Uko umuryango nyarwanda uhagaze




Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko uturere tuza ku isonga mu gushima imibereho y'umuryango nyarwanda ari Rulindo (82.1%), na Gakenke (80.5%) mu gihe Kayonza, Gasabo na Nyagatare aritwo tuza inyuma ku gipimo kiri munsi ya 66%.

## 2.5.2. Imibereho y'umuryango nyarwanda hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 65: imibereho y'umuryango nyarwanda hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

## 2.5.3. Ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye, uburenganzira bw'abana n'ubw'abafite ubumuga

Ishusho 66: Ihame y'uburinganire n'ubwuzuzanye, uburenganzira bw'abana n'ubw'abafite ubumuga





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Gufata ibyemezo byumvikanyweho ku mikoreshereze y'umutungo w'umuryango birashimwa ku gipimo cya 64.8% naho uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'umugabo n'umugore bushimwa ku gipimo cya 65.7%.

Abubatse ingo 67.4% nibo bashima gufata ibyemezo byumvikanyweho mu muryango mu gihe abari mu cyiciro cy'ingaragu bashima ku gipimo cya 60.8%. Abagabo bashima gufata ibyemezo byumvikanyweho mu muryango ku gipimo cya 70.07% naho abagore bakabishima ku gipimo cya 61.1%.

## 2.5.4. Bimwe mu bibazo bibangamiye umuryango

Ishusho 67: Bimwe mu bibazo byo mu miryango





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Ikibazo cy'abangavu baterwa inda nicyo gikomeje kuza ku isonga mu bibangamiye umuryango nyarwanda. Ibindi byagaragaye nk'ibibazo byugarije umuryango nyarwanda harimo guharika, gucana inyuma no gutandukana kw'abashakanye ndetse n'amakimbirane yo mu muryango.

Abagore bemeza ko ikibazo cyo guharika no gucana inyuma kw'abashakanye gihari ku gipimo cya 75.38% mu gihe abagabo babyemeza ku gipimo cya 69.64%.

## 2.5.5. Uko abaturage babona ihohoterwa rishingiye ku gitsina

Ishusho 68: Uko abaturage babona ihohoterwa rishingiye ku gitsina





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Guhoza ku nkeke no gutotezwa, ihohoterwa rishingiye ku mutungo, gukubita no gukomeretsa nibyo byiganje mu bibazo birebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

## 2.5.6. Uko ibyiciro by'abaturage bigerwaho n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina

Ishusho 69: Uko abaturage babona ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa ibyiciro bitandukanye





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Ihohoterwa rikorerwa abagore niryo riza ku isonga ku gipimo cya 11.4% hagakurikiraho irikorerwa abana ku gipimo cya 8.9% naho irikorerwa abagabo rikaba ku gipimo cya 7.0%.

## 2.5.7. Impamvu zitera ibibazo byo mu miryango

Ishusho 70: Impamvu zitera ibibazo byo mu miryango





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Mu byo abaturage bagaragaje ko ari impamvu zitera ibibazo mu miryango, ibiza mbere ni ubusinzi n'ibiyobyabwenge (83.9%), kudakoresha neza umutungo cyangwa gusesagura (82.6%), kutabona umwanya wo kuganira mu muryango (78.3%), no kudasobanukirwa ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye (75%).

## 2.5.8. Akamaro k'ibigo mbonezamikurire (ECD)

Ishusho 71: Akamaro k'ibigo mbonezamikurire (ECD)




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Muri ubu bushakashatsi, abaturage bagaragaje uko babona akamaro k'ikigo mbonezamikurire aho batuye. Muri serivisi zitangirwa muri iki kigo, iza ku isonga mu gushimwa ni serivisi yo kwita ku burere bw'abana ku gipimo cya 87.3%, kwita ku mirire y'abana ku gipimo cya 83.5% no guhugura ababyeyi mu gutegura indyo yuzuye ku gipimo cya 83.6%. By'umwihariko, abaturage bafite imyaka y'amavuko iri hagati ya 46-55 nibo bashima cyane imirire y'abana (85.6%) n'amahugurwa y'ababyeyi (85.1%).

## 2.5.9. IBYIFUZONAMA

- Kongera imikorere n'imikoranire hagati y'inzego mu guhangana n'ikibazo cy'abangavu baterwa inda;
- Gukomeza kuzamura imyumvire y'abaturage ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye;
- Kongera imbaraga mu gusobanurira abaturage ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kurirwanya;
- Gukomeza gukangurira abaturage kwitabira inteko z'abaturage n'umugoroba w'ababyeyi nk'imwe mu miyoboro yo kurwanya amakimbirane yo mu muryango;
- Gukomeza gukangurira ababyeyi kugira uruhare rugaragara mu burere bw'abana no kubatoza umuco no kwirinda ibishuko;
- Gukaza ingamba zo guca burundu ikoreshwa n'icuruzwa ry'ibiyobyabwenge n' inzoga zitujuje ubuziranenge.

Imbonerahamwe 19:
Impinduka y'uko abaturage babona imibereho y'umuryango nyarwanda 2019 na 2020

| Nº | AKARERE | CRC 2020/ AMANOTA (%) | CRC 2019/ AMANOTA (%) | IMPINDUKA 2019 - 2020 (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Rulindo | 82.1% | 82.6% | ▼ | -0.5% |
| 2 | Gakenke | 80.5% | 81.8% | ▼ | -1.3% |
| 3 | Gisagara | 78.9% | 75.8% | ▲ | 3.1% |
| 4 | Gicumbi | 78.3% | 78.3% | ▲ | 0.0% |
| 5 | Kicukiro | 78.2% | 76.0% | ▲ | 2.2% |
| 6 | Karongi | 78.1% | 78.8% | ▼ | -0.7% |
| 7 | Rusizi | 78.0% | 81.4% | ▼ | -3.4% |
| 8 | Rwamagana | 77.6% | 77.6% | = | 0.0% |
| 9 | Nyabihu | 77.4% | 81.1% | ▼ | -3.7% |
| 10 | Musanze | 77.3% | 77.3% | ▲ | 0.0% |
| 11 | Nyamasheke | 77.2% | 77.0% | ▲ | 0.2% |
| 12 | Bugesera | 77.2% | 75.0% | ▲ | 2.2% |
| 13 | Nyanza | 76.8% | 77.9% | ▼ | -1.1% |
| 14 | Burera | 76.1% | 82.6% | ▼ | -6.5% |
| 15 | Rutsiro | 75.7% | 76.8% | ▼ | -1.1% |
| 16 | Muhanga | 74.7% | 76.8% | ▼ | -2.1% |
| 17 | Rubavu | 73.8% | 74.4% | ▼ | -0.6% |
| 18 | Huye | 73.8% | 77.6% | ▼ | -3.8% |
| 19 | Ngororero | 73.8% | 81.4% | ▼ | -7.6% |
| 20 | Ruhango | 73.7% | 75.1% | ▼ | -1.4% |
| 21 | Kamonyi | 73.6% | 77.3% | ▼ | -3.7% |
| 22 | Nyarugenge | 71.7% | 81.2% | ▼ | -9.5% |
| 23 | Ngoma | 71.2% | 75.5% | ▼ | -4.3% |
| 24 | Nyamagabe | 70.0% | 78.8% | ▼ | -8.8% |
| 25 | Gatsibo | 68.0% | 68.3% | ▼ | -0.3% |
| 26 | Kirehe | 66.5% | 75.5% | ▼ | -9.0% |
| 27 | Nyaruguru | 66.0% | 78.5% | ▼ | -12.5% |
| 28 | Nyagatare | 65.8% | 73.7% | ▼ | -7.9% |
| 29 | Gasabo | 65.0% | 79.6% | ▼ | -14.6% |
| 30 | Kayonza | 64.0% | 67.9% | ▼ | -3.9% |
| IMPUZANDENGO | | 73.5% | 77.1% | ▼ | -3.6% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

3

# INKINGI Y'IMIYOBORERE







# 3.1. INZEGO Z’IBANZE



## 3.1.1. Intangiriro

Ubu bushakashatsi bwibanze ku mikorere y'inzego z'ibanze, serivisi zitanga, urwego rwa Njyanama n'imikorere yarwo.


Ishusho 72: Imikorere y'inzego z'ibanze muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Ibyavuye muri ubu bushakashatsi bigaragaza ko abaturage bashima imikorere y'inzego z'ibanze ku gipimo cya 67.75% naho abanenga ni 27.84%. Abagabo bashima ku gipimo cya 68.31% naho abagore bagashima ku gipimo cya 67.52%. Ugereranyije na CRC 2019 iki gipimo cyamanutseho 3.55%.

Ikarita 14: Imikorere y'inzego z'ibanze




Imikorere y'inzego z'ibanze irashimwa ku gipimo kiri hejuru ya 75% mu turere twa Musanze na Rulindo; naho Akarere ka Nyaruguru niko kari ku gipimo cyo hasi cya 54.3%.

## 3.1.2. Imikorere y'inzego z'ibanze hakurikijwe Intara n'umujyi wa Kigali

Ishusho 73: Imikorere y'inzego z'ibanze hakurikijwe Intara n'umujyi wa Kigali





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

### 3.1.3. Imikorere y'inzego z'ibanze

Muri ubu bushakashatsi habajijwe imikorere y'inzego z'ibanze, uhereye ku mudugudu ukagera ku karere.

Ishusho 74: Uko abaturage babona imikorere y'inzego z'ibanze





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Urwego rw'umurenge nirwo rushimwa ku gipimo cyo hejuru kingana na 84.4% naho urwego rw'akarere nirwo ruri hasi ku gipimo cya 69.02%. Uburyo abaturage bishimira serivisi zo ku murenge n'akagali bigaragaza ko kwegereza ubuyobozi na serivisi abaturage ari ingenzi.

### 3.1.4. Zimwe muri serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze

Ishusho 75: Zimwe muri serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Muri rusange, serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze zirashimwa ku gipimo kiri hejuru ya 76%. Kwakira ababagana niyo serivisi iza ku isonga ku gipimo cya 81.65%.

## 3.1.5. Inzitizi zigaragara muri serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze

Zimwe mu nzitizi mu mitangire ya serivisi mu nzego z'ibanze ni izi zikurikira.

Ishusho 76: Inzitizi zigaragara muri serivisi z'inzego z'ibanze





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Zimwe mu nzitizi zigaragazwa kurusha izindi ni ukutabonekera ku gihe kw'abatanga serivisi (57.2%), kutamenya ibisabwa mbere yo gusaba serivisi (55.3%) ndetse no gusiragiza abaturage ( 51.9%).

## 3.1.6. Ubumenyi ku rwego rwa Njyanama

Urwego rwa Njyanama rushinzwe guhuza ibitekerezo by'abaturage, no kubahagararira mu nzego z'ibanze zifata ibyemezo. Ubu bushakashatsi bugaragaza uko abaturage bazi urwego rwa Njyanama n'imikorere yarwo.

Ishusho 77: Uko abaturage bazi urwego rwa Njyanama





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Ubu bushakashatsi bugaragaza ko Njyanama y'Akagali ariyo izwi cyane n'abaturage ugereranyije na Njyanama y' Akarere n'iy'Umurenge. Ibi ni nako byari bimeze muri CRC 2019.

## 3.1.7. Imikorere ya Njyanama

Muri ubu bushakashatsi abazi urwego rwa Njyanama bagaragaje uko babona imikorere yarwo.

Ishusho 78: Uko abaturage babona imikorere y'urwego rwa Njyanama




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Urwego rwa Njyanama y'umurenge niy'akagali zirashimwa cyane ugereranyije na Njyanama y'akarere. Ibi bishimangira ibyagaragajwe haruguru by'uko abaturage bamenya imikorere y'inzego zibegereye.

## 3.1.8. IBYIFUZONAMA

- Kubaka umuco wo gutanga serivisi inoze mu nzego z'ibanze;
- Gukora mu buryo bwa kinyamwuga mu mitangire ya sirivisi;
- Kumenyekanisha ibisabwa kugira ngo umuturage abone serivisi;
- Kwegera abaturage no kubakemurira ibibazo ku gihe.

Imbonerahamwe 20:
Uko uturere duhagaze muri serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze mu myaka ibiri (2019 - 2020)

| Nº | AKARERE | CRC 2020/ AMANOTA (%) | CRC 2019/ AMANOTA (%) | IMPINDUKA 2019 - 2020 (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Musanze | 75.5% | 70.3% | ▲ | 5.2% |
| 2 | Rulindo | 75.1% | 78.3% | ▼ | -3.2% |
| 3 | Ngoma | 74.4% | 75.2% | ▼ | -0.8% |
| 4 | Gisagara | 74.1% | 70.5% | ▲ | 3.6% |
| 5 | Gakenke | 73.5% | 73.4% | ▲ | 0.1% |
| 6 | Ngororero | 72.9% | 71.2% | ▲ | 1.7% |
| 7 | Rwamagana | 72.9% | 76.2% | ▼ | -3.3% |
| 8 | Nyanza | 72.5% | 65.9% | ▲ | 6.6% |
| 9 | Karongi | 72.3% | 73.1% | ▼ | -0.8% |
| 10 | Nyabihu | 71.8% | 73.5% | ▼ | -1.7% |
| 11 | Gicumbi | 71.4% | 76.3% | ▼ | -4.9% |
| 12 | Rubavu | 70.7% | 62.8% | ▲ | 7.9% |
| 13 | Nyamasheke | 70.1% | 73.9% | ▼ | -3.8% |
| 14 | Rusizi | 70.0% | 72.3% | ▼ | -2.3% |
| 15 | Bugesera | 69.8% | 76.3% | ▼ | -6.5% |
| 16 | Rutsiro | 68.0% | 71.6% | ▼ | -3.6% |
| 17 | Ruhango | 67.9% | 69.6% | ▼ | -1.7% |
| 18 | Burera | 67.9% | 76.0% | ▼ | -8.1% |
| 19 | Kicukiro | 67.1% | 66.5% | ▲ | 0.6% |
| 20 | Kirehe | 65.5% | 78.8% | ▼ | -13.3% |
| 21 | Huye | 64.6% | 64.3% | ▲ | 0.3% |
| 22 | Nyarugenge | 64.6% | 68.9% | ▼ | -4.3% |
| 23 | Muhanga | 64.4% | 66.8% | ▼ | -2.4% |
| 24 | Kamonyi | 63.2% | 79.1% | ▼ | -15.9% |
| 25 | Gasabo | 61.5% | 73.2% | ▼ | -11.7% |
| 26 | Kayonza | 59.7% | 61.0% | ▼ | -1.3% |
| 27 | Gatsibo | 59.5% | 64.0% | ▼ | -4.5% |
| 28 | Nyagatare | 59.5% | 75.1% | ▼ | -15.6% |
| 29 | Nyamagabe | 59.4% | 63.8% | ▼ | -4.4% |
| 30 | Nyaruguru | 54.3% | 67.8% | ▼ | -13.5% |
| IMPUZANDENGO | | 67.7% | 71.3% | ▼ | -3.6% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020




## 3.2. UBUTABERA



## 3.2.1. Intangiriro

Muri ubu bushakashatsi habajijwe uko abaturage babona serivisi z'ubutabera zitandukanye, imikorere y'inzego z'ubutabera (Abunzi, RIB, MAJ), uko babona ruswa n'akarengane mu nzego za Leta ndetse n'imikorere y'inzego zinyuranye mu kurwanya ruswa n'akarengane.


Ishusho 79: Uko abaturage babona serivisi z'ubutabera muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Muri rusange abaturage bazi serivisi z'ubutabera bazishima ku gipimo cya 80.07%. Abagore bazishima ku gipimo cya 80.38% naho abagabo bakazishima ku gipimo cya 79.75%.


Ikarita 15: Serivisi z'ubutabera




Nk'uko bigaragara ku ikarita, mu turere 23 abaturage bashima serivisi z'ubutabera ku gipimo kiri hejuru ya 75%. Akarere kari ku isonga ni Rulindo aho bashima ku gipimo cya 88.07% naho akaza inyuma ni aka Gasabo bashima ku gipimo cya 69.13%.

## 3.2.2. Serivisi z'ubutabera hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali.

Ishusho 80: Serivisi z'ubutabera hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

## 3.2.3. Imikorere na serivisi mu nzego z'ubutabera

Imikorere na serivisi mu nzego z'ubutabera byakoreweho ubushakashatsi ni ukurangiza imanza, ifunga n'ifungura ry'ukekwaho icyaha, kutabogama kw'inkiko, gutanga icyemezo cyo kuba utarakatiwe/warakatiwe n'inkiko ndetse n'imikorere y'ubushinjacyaha.

Ishusho 81: Ihame y'uburinganire n'ubwuzuzanye, uburenganzira bw'abana n'abafite ubumuga





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Imikorere y'ubushinjacyaha niyo ishimwa cyane kuri 86.1% naho kurangiza imanza nibyo biza inyuma kuri 70.9%.

## 3.2.4. Imikorere ya komite z'Abunzi

Komite z'Abunzi ni bumwe mu buryo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo bwashyiriweho kunga hagamijwe kubaka ubumwe n'imibanire myiza y'abanyarwanda. Ubu bushakashatsi buragaragaza uko abaturage babona imikorere ya komite z'Abunzi mu bijyanye n'ubunyangamugayo, ubushobozi, ubumenyi, icyizere abaturage babafitiye ndetse n'uburyo bakemura ibibazo by'abaturage.

Ishusho 82: Imikorere ya komite z'Abunzi





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Icyizere abaturage bafitiye komite z'Abunzi nicyo kiza ku isonga kuri 78.12%. Abaturage bagaragaje kandi ko hakenewe kongerwa imbaraga mu kuzamura ubumenyi bw'Abunzi.

## 3.2.5. Uko abaturage babona serivisi za MAJ

Mu rwego rwo kwegereza abaturage ubutabera, hashyizweho biro zishinzwe kugira inama abaturage batishoboye mu bijyanye n'amategeko (MAJ). Ku birebana na MAJ, ubu bushakashatsi bwibanze kuri ibi bikurikira: kunganira abatishoboye mu mategeko, kurangiza imanza, gukurikirana ibibazo by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, gukurikirana ibibazo by' amategeko bireba abana. Hanarebwe kandi ubunyangamugayo bw'abakozi ba MAJ n' icyizere abaturage babafitiye.

Ishusho 83: Uko abaturage babona serivisi za MAJ




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Abaturage bakomeje gushima imikorere ya MAJ muri rusange ku gipimo kiri hejuru ya 80%.

## 3.2.6. Imikorere y'urwego rw'ubugenzacyaha (RIB)

Ishusho 84: Abazi urwego rw'ubugenzacyaha (RIB)

ABAZI URWEGO RW'UBUGENZACYAHA (RIB)


| | CRC 2020 | CRC 2019 |
|---|---|---|
| YEGO | 77.80% | 30.04% |
| OYA | 22.10% | 67.30% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Urwego rwa RIB rwakoreweho ubushakashatsi ku nshuro ya mbere muri 2019 aho CRC yerekanye ko rutari ruzwi n'abaturage benshi ku gipimo cya 67.30% abaruzi bakaba 30.04%. CRC ya 2020 iragaragaza ko hatewe intambwe ishimishije kuko abaturage bazi uru rwego bazamutse bakagera kuri 77.8%.

Muri CRC ya 2019, uretse uturere tw'Umujyi wa Kigali, utundi turere twose abaturage bari bazi urwego rwa RIB munsi ya 40%. Hagendewe ku turere twari munsi ya 20% muri CRC ya 2019, hatewe intambwe igaragara muri CRC ya 2020 aho Ngororero yavuye kuri 13.61% ikagera kuri 65%, Ruhango yavuye kuri 17.16% igera kuri 69.9%, Nyabihu yavuye 18.83% igera kuri 75.9%, Rutsiro yavuye kuri 17.55% igera kuri 76.4% naho Gakenke yavuye kuri 18.61% igera kuri 67.6%. Nanone, igipimo uturere tugize Umujyi wa Kigali tuziho Urwego rw'Igihugu rw'Ubugenzacyaha cyarazamutse aho muri Gasabo cyavuye kuri 60.4% kikagera kuri 88.2%, Kicukiro cyavuye kuri 52.38% kigera kuri 94.7% mu gihe Nyarugenge yavuye kuri 58.44% igera kuri 95.2%.

Ishusho 85: Uko abaturage babona imikorere ya RIB





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Abaturage bishimiye imikorere ya RIB ku gipimo cya 89.39%.

### 3.2.7. Ruswa n'akarengane mu nzego zitandukanye

Ruswa n'akarengane ni bimwe mu bibangamira imitangire ya serivisi inoze. Ubu bushakashatsi bwagaragaje uko abaturage babona ruswa n'akarengane mu nzego na serivisi bikurikira: itangazamakuru, imiryango itari iya Leta, amadini, inzego z'abikorera, serivisi z'ubutaka, inzego z'ibanze, mu kazi, amashuri, inkiko, MAJ, abunzi, RIB ndetse na Polisi y'igihugu.

Ishusho 86: Uko abaturage babona ruswa n'akarengane mu nzego na serivisi zitandukanye





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

N'ubwo hari byinshi bikorwa mu kurwanya ruswa n'akarengane, muri ubu bushakashatsi abaturage bagaragaje ko ruswa ikigaragara mu kazi, mu nzego z'ibanze ku gipimo kiri hejuru ya 27%; mu gihe muri Polisi y'igihugu, muri serivisi z'ubutaka, mu rwego rw'abunzi, serivisi z'abikorera no mu nkiko ikigaragara ku gipimo kiri hejuru ya 15%.

## 3.2.8. Imikorere y'inzego mu kurwanya ruswa n'akarengane

Muri ubu bushakashatsi abaturage babajijwe uko babona imikorere ya zimwe mu nzego zifite mu nshingano kurwanya ruswa n'akarengane zirimo Urwego rw'Umuvunyi, RIB, Urwego rw'Ubushinjacyaha Bukuru, inzego z'ibanze, Polisi y'igihugu, abunzi, inkiko n'itangazamakuru.

Ishusho 87: Uko abaturage babona imikorere y'inzego mu kurwanya ruswa n'akarengane




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Itangazamakuru na Polisi y'Igihugu bikomeje kuza ku isonga mu gushimwa n'abaturage mu kurwanya ruswa n'akarengane ku gipimo kiri hejuru ya 80%.

## 3.2.9. IBYIFUZONAMA

- Kunoza imikorere y'ifungwa n'ifungurwa ry'ukekwa ho icyaha;
- Kwongera imbaraga mu kurangiza imanza;
- Guhugura abunzi mu birebana n'amategeko mu rwego rwo kubongerera ubumenyi.

Imbonerahamwe 21:
Uko uturere duhagaze muri serivisi z'ubutabera mu myaka ibiri (2019-2020)

| Nº | AKARERE | CRC 2020/ AMANOTA (%) | CRC 2019/ AMANOTA (%) | IMPINDUKA 2019 - 2020 (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Rulindo | 88.1% | 81.6% | ▲ | 6.5% |
| 2 | Gakenke | 86.6% | 82.8% | ▲ | 3.8% |
| 3 | Gisagara | 86.4% | 71.0% | ▲ | 15.4% |
| 4 | Nyanza | 86.1% | 67.3% | ▲ | 18.8% |
| 5 | Nyabihu | 85.4% | 76.5% | ▲ | 8.9% |
| 6 | Gicumbi | 83.9% | 81.7% | ▲ | 2.2% |
| 7 | Bugesera | 83.7% | 76.1% | ▲ | 7.6% |
| 8 | Ruhango | 83.7% | 74.5% | ▲ | 9.2% |
| 9 | Musanze | 83.5% | 81.7% | ▲ | 1.8% |
| 10 | Burera | 82.9% | 80.1% | ▲ | 2.8% |
| 11 | Karongi | 82.1% | 77.5% | ▲ | 4.6% |
| 12 | Ngororero | 82.0% | 81.0% | ▲ | 1.0% |
| 13 | Ngoma | 81.8% | 81.3% | ▲ | 0.5% |
| 14 | Rwamagana | 81.3% | 79.1% | ▲ | 2.2% |
| 15 | Rusizi | 80.9% | 79.0% | ▲ | 1.9% |
| 16 | Rubavu | 80.5% | 71.1% | ▲ | 9.4% |
| 17 | Nyamasheke | 80.0% | 82.2% | ▼ | -2.2% |
| 18 | Rutsiro | 79.2% | 75.4% | ▲ | 3.8% |
| 19 | Huye | 79.1% | 68.9% | ▲ | 10.2% |
| 20 | Kicukiro | 78.5% | 67.3% | ▲ | 11.2% |
| 21 | Kamonyi | 78.0% | 83.8% | ▼ | -5.8% |
| 22 | Muhanga | 77.9% | 75.3% | ▲ | 2.6% |
| 23 | Nyaruguru | 75.4% | 79.8% | ▼ | -4.4% |
| 24 | Kirehe | 74.7% | 78.0% | ▼ | -3.3% |
| 25 | Nyamagabe | 74.2% | 75.3% | ▼ | -1.1% |
| 26 | Nyarugenge | 73.4% | 75.7% | ▼ | -2.3% |
| 27 | Kayonza | 72.8% | 69.2% | ▲ | 3.6% |
| 28 | Gatsibo | 72.6% | 68.9% | ▲ | 3.7% |
| 29 | Nyagatare | 71.7% | 76.9% | ▼ | -5.2% |
| 30 | Gasabo | 69.1% | 75.5% | ▼ | -6.4% |
| IMPUZANDENGO | | 80.1% | 76.4% | ▲ | 3.7% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020







## 3.3. IYUBAHIRIZWA RY'AMAHAME Y'IMIYOBORERE N'ICYIZERE KU NZEGO Z'UBUYOBOZI



## 3.3.1. Intangiriro

Mu rwego rwo kurushaho kwimakaza amahame y'imiyoborere, ubu bushakashatsi bwakozwe kuri amwe mu mahame y'imiyoborere arimo uburenganzira bwa muntu, ihame ry'uburinganire, amahame ya demokarasi, amatora akozwe mu mucyo no mu bwisanzure, gusaranganya ubutegetsi, politiki y'amashyaka menshi ndetse n'ubwisanzure mu bitekerezo.


Ishusho 88: Iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Abaturage bagaragaje ko bashima iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere kuri 86.2%. Abagabo bashima ni 87.0% naho abagore bagashima kuri 85.7%.


Ikarita 16: Uko abaturage babona iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi




Iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere rishimwa ku gipimo kiri hejuru ya 77% mu turere twose aho akarere ka Kicukiro kaza ku isonga kuri 94.7%.

## 3.3.2. Iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 89: Iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'ikizere ku nzego z'ubuyobozi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

## 3.3.3. Amahame y'imiyoborere yakozweho ubushakashatsi

Ishusho 90: Uko abaturage babona iyubahirizwa ry'amwe mu mahame y'imiyoborere





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Muri rusange iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere ryakoreweho ubushakashatsi rishimwa ku kigero gishimishije n'ubwo ihame ry'uburinganire ndetse no kurwanya ruswa n'akarengane bifite abanenga bari hejuru ya 17%.

Biragaragara ko mu turere tumwe na tumwe abaturage batazi ihame ryo gusaranganya ubutegetsi ku kigero kiri hejuru ya 25%. Utwo turere ni Kamonyi (37.9%), Nyarugenge (37%), Muhanga (35.6%), Gatsibo (29.1%), Burera (27.8%), Kayonza (26.8%) na Nyabihu (25.1%).

## 3.3.4. Uko urubyiruko rubona iyubahirizwa ry'amwe mu mahame y'imiyoborere


Ishusho 91: Uko urubyiruko rubona iyubahirizwa ry'amwe mu mahame y'imiyoborere




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

## 3.3.5. Uko abagore n'abagabo babona ihame ry'uburinganire

Ishusho 92: Uko abagore n'abagabo babona ihame ry'uburinganire





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

## 3.3.6. Icyizere ku nzego z'ubuyobozi

Muri ubu bushakashatsi abaturage babajijwe icyizere bafitiye inzego z'ubuyobozi zikurikira: Perezida wa Repubulika, Inteko ishinga amategeko ndetse n'inkiko.

Ishusho 93: Icyizere abaturage bafitiye inzego z'ubuyobozi





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

CRC 2020 iragaragaza ko inzego z'ubuyobozi zakozweho ubushakashatsi abaturage bazifitiye icyizere kiri hejuru cyane. Ugereranyije n'imyaka yashize, Urwego rwa Perezida wa Repubulika rukomeza kuza ku isonga mu kugirirwa icyizere n'abaturage.

## 3.3.7. Uko abaturage babona ubwigenge bw'inzego

Ubu bushakashatsi bwasuzumye uko abaturage babona ubwigenge bw'inzego zikurikira: Inteko ishinga amategeko, Ubutegetsi bwite bwa Leta, Inkiko, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora(NEC) n'Itangazamakuru.

Ishusho 94: Ishusho y'uko abaturage babona ubwigenge bw'inzego





Ubwigenge bw'inzego zose zakozweho ubushakashatsi bushimwa ku gipimo kiri hejuru ya 78%.

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

## 3.3.8. Imikorere y'inzego mu guteza imbere imiyoborere n'imibanire y'abanyarwanda

Muri ubu bushakashatsi, buri mwaka hasuzumwa uko abaturage babona imikorere y'inzego mu guteza imbere imiyoborere n'imibanire y'abanyarwanda harimo imiryango itari iya Leta,Urwego rw'umuvunyi, amashyirahamwe n'amakoperative, Komisiyo y'Uburenganzira bwa Muntu, inzego z'ibanze, Komisiyo y'Itorero ry'Igihugu, amadini, Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge ndetse n'Itangazamakuru.

Ishusho 95: Uko abaturage babona imikorere y'inzego mu guteza imbere imiyoborere n'imibanire y'abanyarwanda





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Muri rusange abaturage bashima imikorere y'inzego mu guteza imbere imiyoborere n'imibanire y'abanyarwanda ku gipimo kiri hejuru. Itangazamakuru niryo riza ku isonga ku gipimo cya 93.0% naho kimwe n'umwaka ushize imiryango itari iya Leta niyo ifite igipimo kiri hasi kingana na 71.7%. Ugereranyije n'umwaka ushize igipimo cy'imiryango itari iya Leta mu guteza imbere imiyoborere n'imibanire y'abanyarwanda cyasubiye inyuma ho 3.6%.

### 3.3.9. Uko abaturage babona ishyirwa mu bikorwa rya gahunda ya Ndi Umunyarwanda

Ishusho 96: Uko abaturage babona ishyirwa mu bikorwa rya gahunda ya Ndi Umunyarwanda




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Abaturage bashima ishyirwa mu bikorwa rya gahunda ya Ndi Umunyarwanda ku gipimo cya 91.9%.

### Uko abaturage bashima ishyirwa mu bikorwa rya gahunda ya Ndi Umunyarwanda hakurikijwe uturere

| Nº | AKARERE | CRC 2020/ AMANOTA (%) |
|---|---|---|
| 1 | Nyamasheke | 98.0% |
| 2 | Rutsiro | 97.8% |
| 3 | Rulindo | 97.2% |
| 4 | Kicukiro | 97.2% |
| 5 | Gicumbi | 96.8% |
| 6 | Rubavu | 96.5% |
| 7 | Rusizi | 96.3% |
| 8 | Rwamagana | 96.0% |
| 9 | Ngororero | 95.9% |
| 10 | Nyabihu | 95.3% |

| Nº | AKARERE | CRC 2020/ AMANOTA (%) |
|---|---|---|
| 11 | Gakenke | 94.5% |
| 12 | Karongi | 94.4% |
| 13 | Muhanga | 94.1% |
| 14 | Bugesera | 93.9% |
| 15 | Ngoma | 93.9% |
| 16 | Kirehe | 93.4% |
| 17 | Nyanza | 92.5% |
| 18 | Huye | 91.1% |
| 19 | Ruhango | 90.9% |
| 20 | Kamonyi | 90.2% |

| Nº | AKARERE | CRC 2020/ AMANOTA (%) |
|---|---|---|
| 21 | Musanze | 89.9% |
| 22 | Gisagara | 89.5% |
| 23 | Gasabo | 89.5% |
| 24 | Nyamagabe | 89.1% |
| 25 | Kayonza | 88.2% |
| 26 | Burera | 87.0% |
| 27 | Nyaruguru | 86.8% |
| 28 | Nyagatare | 83.8% |
| 29 | Gatsibo | 82.0% |
| 30 | Nyarugenge | 78.5% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

## 3.3.10. IBYIFUZONAMA

- Imiryango itari iya Leta ikwiye kurushaho kwegera abaturage no kuzamura imibereho yabo;
- Gukomeza gusobanurira abaturage ishyirwa mu bikorwa ry'ihame ry' uburinganire;
- Gukomeza kwimakaza Ubunyarwanda.

Imbonerahamwe 22:
Uko uturere duhagaze mu iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi mu myaka ibiri (2019 - 2020)

| Nº | AKARERE | CRC 2020/ AMANOTA (%) | CRC 2019/ AMANOTA (%) | IMPINDUKA 2019 - 2020 (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Kicukiro | 94.7% | 84.4% | ▲ | 10.3% |
| 2 | Rwamagana | 93.0% | 92.6% | ▲ | 0.4% |
| 3 | Bugesera | 92.6% | 86.9% | ▲ | 5.7% |
| 4 | Nyamasheke | 91.7% | 93.7% | ▼ | -2.0% |
| 5 | Nyabihu | 91.4% | 86.7% | ▲ | 4.7% |
| 6 | Rusizi | 91.0% | 90.5% | ▲ | 0.5% |
| 7 | Nyanza | 90.9% | 78.7% | ▲ | 12.2% |
| 8 | Rulindo | 90.8% | 91.7% | ▼ | -0.9% |
| 9 | Gisagara | 90.1% | 83.3% | ▲ | 6.8% |
| 10 | Rutsiro | 90.0% | 85.5% | ▲ | 4.5% |
| 11 | Gakenke | 89.9% | 88.5% | ▲ | 1.4% |
| 12 | Karongi | 89.2% | 91.1% | ▼ | -1.9% |
| 13 | Musanze | 88.6% | 90.0% | ▼ | -1.4% |
| 14 | Ruhango | 88.4% | 92.3% | ▼ | -3.9% |
| 15 | Ngororero | 87.9% | 91.6% | ▼ | -3.7% |
| 16 | Rubavu | 87.5% | 91.2% | ▼ | -3.7% |
| 17 | Burera | 86.4% | 90.9% | ▼ | -4.5% |
| 18 | Gicumbi | 86.4% | 93.2% | ▼ | -6.8% |
| 19 | Ngoma | 85.2% | 89.6% | ▼ | -4.4% |
| 20 | Huye | 84.5% | 80.1% | ▲ | 4.4% |
| 21 | Muhanga | 84.4% | 91.2% | ▼ | -6.8% |
| 22 | Nyaruguru | 82.7% | 91.7% | ▼ | -9.0% |
| 23 | Nyamagabe | 82.2% | 89.5% | ▼ | -7.3% |
| 24 | Kamonyi | 80.3% | 91.1% | ▼ | -10.8% |
| 25 | Gatsibo | 80.0% | 82.8% | ▼ | -2.8% |
| 26 | Kayonza | 79.9% | 81.2% | ▼ | -1.3% |
| 27 | Kirehe | 79.4% | 90.0% | ▼ | -10.6% |
| 28 | Nyarugenge | 79.1% | 93.4% | ▼ | -14.3% |
| 29 | Gasabo | 79.0% | 88.7% | ▼ | -9.7% |
| 30 | Nyagatare | 77.9% | 85.1% | ▼ | -7.2% |
| IMPUZANDENGO | | 86.2% | 88.5% | ▼ | -2.3% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020




## 3.4. UMUTEKANO



# 3.4.1. Intangiriro

U Rwanda rwiyemeje gukomeza kugira umutekano usesuye no kurinda umutekano w'abanyarwanda n'ibyabo. Muri ubu bushakashatsi abaturage bagaragaza uko babona umutekano rusange w'igihugu, umutekano w'abantu, umutekano w'ibintu, icyizere bafitiye inzego z'umutekano ndetse n'imbogamizi ku mutekano w'abantu n'ibintu.


Ishusho 97: Ibyavuye mu bushakashatsi ku mutekano muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Abaturage bashima umutekano ku gipimo cya 91.6% kikaba cyarazamutseho 2.25% ugereranije na CRC 2019 aho cyari kuri 89.3%. Abagore bashima umutekano ku gipimo kingana n'icyo abagabo bawushimaho.


Ikarita 17: Uko abaturage babona umutekano




Mu byiciro byose byakozweho ubushakashatsi umutekano niwo ukomeje kuza ku isonga mu gushimwa n'abaturage. Iyi CRC ya 2020 iragaragaza ko mu turere twose abaturage bashima umutekano ku gipimo kiri hejuru ya 87%.

## 3.4.2. Uko abaturage babona umutekano hakurikijwe Intara n' Umujyi wa Kigali

Ishusho 98: Uko abaturage babona umutekano hakurikijwe Intara n' Umujyi wa Kigali





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

### 3.4.3. Icyizere abaturage bafitiye zimwe mu nzego z'umutekano

Abaturage bagaragaje icyizere bafitiye zimwe mu nzego z'umutekano zirimo Ingabo z'Igihugu, Polisi y'Igihugu n'Urwego rwunganira ubuyobozi bw'akarere mu gucunga umutekano (DASSO).

Ishusho 99: Icyizere abaturage bafitiye zimwe mu nzego z'umutekano





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Abaturage bafitiye icyizere kiri hejuru Ingabo z'Igihugu ku gipimo cya 99.23%.

### 3.4.4. Uko abaturage babona umutekano rusange w'Igihugu, umutekano w'abantu n'ibintu

Ishusho 100: Uko abaturage babona umutekano rusange w'Igihugu, umutekano w'abantu n'ibintu





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Ibyavuye muri ubu bushakashatsi bigaragaza ko abaturage bishimiye umutekano rusange w'Igihugu ku kigero cyo hejuru cya 96.9%.

### 3.4.5. Imbogamizi ku mutekano w'abantu n'ibintu

Ishusho 101: Imbogamizi ku mutekano w'abantu n'ibintu




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Mu mbogamizi zagaragajwe, iza ku isonga ni ubujura kugipimo cya 38.5%. Bikaba bigaragara ko abaturage babona ko buhari biyongereye ugereranije n'umwaka ushize aho bari ku gipimo cya 32.4%.


Ishusho y'uko Abaturage babona Imiyoborere n'Imitangire ya Serivisi mu nzego zibegereye

## 3.4.6. IBYIFUZONAMA

- Kongerera ubushobozi n'amahugurwa urwego rwa DASSO kugirango barusheho gucunga umutekano kinyamwuga;
- Gukaza amarondo no gukangurira abaturage kugira uruhare mu kwicungira umutekano mu rwego rwo kurwanya ubujura;
- Gukomeza gukangurira abaturage kwirinda ubujura bukoresheje ikoranabuhanga.

Imbonerahamwe 23:
Uko uturere duhagaze mu mutekano mu myaka ibiri (2019 - 2020)

| Nº | AKARERE | CRC 2020/ AMANOTA (%) | CRC 2019/ AMANOTA (%) | IMPINDUKA 2019 - 2020 (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Bugesera | 95.4% | 88.7% | ▲ | 6.7% |
| 2 | Nyamasheke | 94.7% | 92.8% | ▲ | 1.9% |
| 3 | Nyanza | 94.1% | 90.2% | ▲ | 3.9% |
| 4 | Rulindo | 94.0% | 94.3% | ▼ | -0.3% |
| 5 | Kamonyi | 93.7% | 91.1% | ▲ | 2.6% |
| 6 | Gisagara | 93.5% | 87.9% | ▲ | 5.6% |
| 7 | Nyabihu | 93.4% | 93.3% | ▲ | 0.1% |
| 8 | Karongi | 93.3% | 92.4% | ▲ | 0.9% |
| 9 | Nyaruguru | 93.1% | 92.5% | ▲ | 0.6% |
| 10 | Rwamagana | 93.1% | 85.9% | ▲ | 7.2% |
| 11 | Ruhango | 93.1% | 90.2% | ▲ | 2.9% |
| 12 | Gakenke | 93.0% | 92.5% | ▲ | 0.5% |
| 13 | Muhanga | 92.8% | 90.3% | ▲ | 2.5% |
| 14 | Gicumbi | 92.8% | 90.1% | ▲ | 2.7% |
| 15 | Ngororero | 92.6% | 94.3% | ▼ | -1.7% |
| 16 | Ngoma | 92.4% | 90.5% | ▲ | 1.9% |
| 17 | Rusizi | 92.2% | 93.1% | ▼ | -0.9% |
| 18 | Huye | 91.9% | 86.3% | ▲ | 5.6% |
| 19 | Rutsiro | 91.8% | 92.8% | ▼ | -1.0% |
| 20 | Rubavu | 91.8% | 86.0% | ▲ | 5.8% |
| 21 | Kicukiro | 91.5% | 82.9% | ▲ | 8.6% |
| 22 | Musanze | 91.5% | 89.5% | ▲ | 2.0% |
| 23 | Nyamagabe | 90.5% | 92.7% | ▼ | -2.2% |
| 24 | Kayonza | 90.1% | 82.4% | ▲ | 7.7% |
| 25 | Kirehe | 89.4% | 91.5% | ▼ | -2.1% |
| 26 | Nyarugenge | 89.2% | 83.5% | ▲ | 5.7% |
| 27 | Burera | 89.1% | 92.5% | ▼ | -3.4% |
| 28 | Gatsibo | 87.9% | 79.3% | ▲ | 8.6% |
| 29 | Nyagatare | 87.6% | 88.4% | ▼ | -0.8% |
| 30 | Gasabo | 85.4% | 85.3% | ▲ | 0.1% |
| | IMPUZANDENGO | 91.6% | 89.4% | ▲ | 2.2% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Umuganda



# 3.5. URUHARE RW'ABATURAGE MU BIBAKORERWA




## 3.5.1. Intangiriro

U Rwanda rwihaye gahunda yo kwimakaza imiyoborere ishyira umuturage ku isonga, akagira uruhare mu bimukorerwa haba mu itegurwa, mu ishyirwa mu bikorwa ndetse no kugenzura ko ibyifuzo byabo bishyirwa mu bikorwa uko bikwiye.

Muri ubu bushakashatsi hasuzumwe uko abaturage babona uruhare rwabo muri gahunda zitandukanye zirimo umuganda, umugoroba w'ababyeyi, inteko z'abaturage, ubukorerabushake, kubaza abayobozi kugaragariza abaturage ibibakorerwa, kugira uruhare mu gufata ibyemezo, umutekano, kwitorera abayobozi no gukemura ibibazo by'abaturage. Hanasuzumwe kandi uruhare rwa Njyanama mu kwegera abaturage no kubasobanurira ibirebana n'igenamigambi ry'ibikorwa by'akarere, ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za Leta ziteza imbere imibereho myiza y'abaturage, kwegera abaturage no kubasobanurira imihigo y'akarere no kwitabira inama z'abaturage.


Ishusho 102: Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Abaturage bashima uruhare rwabo ku igipimo cya 77.2%, iki gipimo cyazamutseho 4.1% ugereranije n'umwaka ushize aho cyari ku gipimo cya 73.1%. Abagore bashima ku gipimo cya 77.77% naho abagabo bashima kuri 76.47%.


Ikarita 18: Uko abaturage babona uruhare rwabo mu bibakorerwa




Ubu bushakashatsi bugaragaza ko mu turere makumyabiri (20) abaturage bashima uruhare rwabo ku gipimo kiri hejuru ya 75%. Akarere ka Nyabihu ni ko kaza ku isonga ku gipimo cya 87.5%. Uturere tw'Umugi wa Kigali ni two tuza inyuma ku gipimo kiri munsi ya 70% mu gushima uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa.

## 3.5.2. Uko abaturage babona uruhare rwabo mu bibakorerwa hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 103: Uko abaturage babona uruhare rwabo mu bibakorerwa hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

### 3.5.3. Ibyakoreweho ubushakashatsi mu kureba uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa

Ishusho 104: Uko abaturage babona uruhare rwabo mu bibakorerwa





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Leta yashyizeho uburyo butandukanye bufasha abaturage kugira uruhare mu bibakorerwa. Muri ubu bushakashatsi, abaturage bagaragaje ko bafite uruhare runini mu kwicungira umutekano ku gipimo cya 92.8%. Ikigero cy'ubwitabire bw'abaturage mu mugoroba w'abayeyi nicyo kiri hasi kuri 55.4%.

## 3.5.4. Uko abagabo n'abagore babona uruhare rwabo mu gufata ibyemezo

Ishusho 105: Uko abagabo n'abagore babona uruhare rwabo mu gufata ibyemezo




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

Ibyavuye muri ubu bushakashatsi byagaragaje ko abagore bashima uruhare rwabo ku gipimo cya 72%, kikaba kiri hejuru y'igipimo cy'abagabo cyo kiri kuri 69.66%.

## 3.5.5. IBYIFUZONAMA

- Kunoza imitegurire n'imikorere y'umugoroba w'ababyeyi no kurushaho gukangurira abaturage kuwitabira kugira ngo urusheho kuzamura uruhare rw'abaturage mu kwikemurira ibibazo byo mu muryango.
- Gukomeza gukangurira urwego rwa Njyanama kwegera abaturage no kubasobanurira igenamigambi n'imihigo by'Akarere;
- Kuzamura uruhare rw'abaturage mu kubaza abayobozi kubagaragariza ibibakorerwa.

Imbonerahamwe 24:
Uko uturere duhagaze mu bijyanye n'uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa mu myaka ibiri (2019 - 2020)

| Nº | AKARERE | CRC 2020/ AMANOTA (%) | CRC 2019/ AMANOTA (%) | IMPINDUKA 2019 - 2020 (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Nyabihu | 87.5% | 77.7% | ▲ | 9.8% |
| 2 | Ngoma | 85.1% | 74.5% | ▲ | 10.6% |
| 3 | Ngororero | 84.4% | 72.9% | ▲ | 11.5% |
| 4 | Rubavu | 84.3% | 73.5% | ▲ | 10.8% |
| 5 | Musanze | 83.8% | 79.9% | ▲ | 3.9% |
| 6 | Karongi | 83.0% | 76.1% | ▲ | 6.9% |
| 7 | Gakenke | 82.9% | 81.5% | ▲ | 1.4% |
| 8 | Rulindo | 82.6% | 81.4% | ▲ | 1.2% |
| 9 | Burera | 80.0% | 80.3% | ▼ | -0.3% |
| 10 | Nyanza | 80.0% | 68.3% | ▲ | 11.7% |
| 11 | Gisagara | 79.4% | 68.8% | ▲ | 10.6% |
| 12 | Kirehe | 79.2% | 75.6% | ▲ | 3.6% |
| 13 | Nyamasheke | 78.7% | 74.1% | ▲ | 4.6% |
| 14 | Rusizi | 77.3% | 74.3% | ▲ | 3.0% |
| 15 | Gicumbi | 77.3% | 80.5% | ▼ | -3.2% |
| 16 | Nyagatare | 77.0% | 71.9% | ▲ | 5.1% |
| 17 | Rutsiro | 76.7% | 79.0% | ▼ | -2.3% |
| 18 | Bugesera | 76.4% | 72.1% | ▲ | 4.3% |
| 19 | Huye | 76.2% | 60.1% | ▲ | 16.1% |
| 20 | Gatsibo | 76.0% | 69.9% | ▲ | 6.1% |
| 21 | Rwamagana | 74.5% | 70.8% | ▲ | 3.7% |
| 22 | Muhanga | 73.9% | 71.6% | ▲ | 2.3% |
| 23 | Nyamagabe | 73.8% | 67.4% | ▲ | 6.4% |
| 24 | Nyaruguru | 72.4% | 74.6% | ▼ | -2.2% |
| 25 | Ruhango | 72.4% | 74.9% | ▼ | -2.5% |
| 26 | Kayonza | 71.5% | 65.3% | ▲ | 6.2% |
| 27 | Gasabo | 69.7% | 66.6% | ▲ | 3.1% |
| 28 | Kamonyi | 67.7% | 71.8% | ▼ | -4.1% |
| 29 | Kicukiro | 61.2% | 65.8% | ▼ | -4.6% |
| 30 | Nyarugenge | 61.1% | 71.5% | ▼ | -10.4% |
| IMPUZANDENGO | | 77.2% | 73.1% | ▲ | 4.1% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2020

# 4. Umwanzuro

CRC2020 yerekana uburyo abaturage babona imiyobere nimitangire ya serivisi mu byiciro 16 bikubiye mu nkingi eshatu (3) arizo ubukungu, imibereho myiza ndetse n'imiyoborere n'ubutabera.

Muri ubu bushakashatsi bwa CRC 2020, umutekano niwo ukomeje kuza ku isonga mu byo abaturage bashima kurusha ibindi. Ku rundi ruhande ubuhinzi nicyo cyiciro gikomeje kuza inyuma, ariko cyakomeje kuzamuka uhereye muri CRC ya 2018 mu buryo bukurikira: 49.41%(CRC 2018), 55%(CRC 2019), 58.5% (CRC 2020).

Ubu bushakashatsi busozwa no gutanga ibyifuzonama mu kunoza imitangire ya serivisi no kuzamura uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa. Ibyifuzonama byihariye kuri buri cyiciro bigenda bigaragazwa nyuma y'isesengura rya buri cyiciro cyakoreweho ubushakashatsi.

## Ibyifuzonama byihariye mu kunoza imikorere, imitangire ya serivisi n'imiyoborere bibereye abaturage

| ICYICIRO | IBYIFUZONAMA |
|---|---|
| UBUHINZI | Kunoza igenamigambi n'ishyirwamubikorwa rya serivisi zo mu buhinzi |
| UBWOROZI | Kunoza igenamigambi n'ishyirwamubikorwa rya serivisi zo mu bworozi |
| IBIKORWAREMEZO | Kunoza imitangire ya serivisi mu rwego rw'ibikorwaremezo |
| IKORANABUHANGA N'ITUMANAHO | Kunoza no kwagura ikoranabuhanga n'itumanaho |
| UBUTAKA | Kunoza imitangire ya serivisi mu rwego rw'ubutaka |
| UBUREZI | Kunoza serivisi z'uburezi hagamijwe kuzamura ireme ry'uburezi |
| UBUZIMA | Kunoza serivisi z'ubuzima hagamijwe gufasha abaturage kwivuza ku gihe |
| UBUTABERA | Kunoza serivisi z'ubutabera hagamijwe guha abaturage ubutabera bunoze kandi ku gihe |

| IBYAKWIBANDWAHO | INZEGO ZISABWA KUBISHYIRA MU BIKORWA |
|---|---|
| ▸ Gushyiraho ingamba mu bufatanye bw'inzego zitandukanye zo gukumira ibiza<br>▸ Gushishikariza abahinzi gukorana n'amabanki n'ibigo by'imari icirirtse<br>▸ Gushyira imbaraga mu gutuganya no kongerera agaciro ibikomoka ku buhinzi;<br>▸ Kunoza igenamigambi, ishyirwamubikorwa n'igenzura rya serivisi zo kwegereza abaturage imbuto, ifumbire n'inyongeramusaruro;<br>▸ Kunoza imikorere n'imikoranire y'inzego mu kwegereza abahinzi imashini zikoreshwa mu buhinzi no kuhira imyaka<br>▸ Kwegereza abaturage ubwanikiro n'ubuhunikiro bw'umusaruro no kunoza imicungire yabwo;<br>▸ Kunoza isoko ry'umusaruro bigizwemo uruhare n'inzego zose bireba. | MINAGRI, NAEB, RAB, MINICOM, MINECOFIN, UTURERE |
| ▸ Kongera amakusanyirizo y'amata no kunoza imicungire yayo;<br>▸ Gushishikariza aborozi kwitabira gahunda y'ubwishingizi bw'amatungo;<br>▸ Kongera umubare w'abatera intanga no kubagezaho amahugurwa ahoraho ndetse n'ibikoresho.<br>▸ Gushyira imbaraga mu gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku matungo | MINAGRI, RAB, MINICOM, MINECOFIN, UTURERE |
| ▸ Gukemura ibibazo bikigaragara muri serivisi z'amazi;<br>▸ Gukomeza kwegereza abaturage ibikorwaremezo kuko ari byo shingiro ryo kwihutisha serivisi n'iterambere; | MININFRA, REG, WASAC, MINECOFIN, RURA, UTURE-RE, UMUJYI WA KIGALI |
| ▸ Kongera ubukangurambaga n'amahugurwa ku baturage ku mikoreshereze y'ikoranabuhanga ry'ibanze mu gusaba no gutanga serivisi;<br>▸ Gukomeza kwegereza abaturage ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga n'itumanaho, cyane cyane iminara n'imiyoboro ya interineti.<br>▸ Kunoza imikorere y'urubuga rw'Irembo no kurumenyekanisha | RISA, MINICT, IREMBO, RURA, MINECOFIN |
| ▸ Kunoza no koroshya gutanga ibyangombwa by'ubutaka: guhererekanya ubutaka, ibyangombwa byo kubaka no gusana, gukosoza imbibi, n'ibindi;<br>▸ Kumenyekanisha ibishushanyo mbonera ku mikoreshereze y'ubutaka;<br>▸ Gukomeza ubukangurambaga ku itegeko rigenga umusoro w'ubutaka | RLMUA, UTURERE, UMUJYI WA KIGALI, RRA, MoE |
| ▸ Kongera amashuri y'inshuke no kunoza imikorere n'imicungire yayo;<br>▸ Kongera amashuri y'imyuga<br>▸ Kugabanya ubucucike bw'abana mu mashuri hongerwa ibyumba by'amashuri ;<br>▸ Kunoza ishyirwamubikorwa rya politiki y'uburezi n'imyigishirize mu Rwanda<br>▸ Gukomeza kunoza gahunda yo kugaburira abana ku ishuri. | MINEDUC, REB, HEC, UTURERE |
| ▸ Gukomeza kwegereza abaturage amavuriro mato (Poste de sante) no kunoza imikorere y'ahari;<br>▸ Kunoza serivisi zo kubona imiti muri farumasi;<br>▸ Kwakira neza abagana amavuriro n'ibitaro | MINISANTE, RBC, RSSB, MYICT, RISA, IBITARO, IBIGO NDERABUZIMA, UTURERE |
| ▸ Kurangiza imanza;<br>▸ Kongerera ubumenyi abaturage mu gukoresha ikoranabuhanga mu gutanga no gukurikirana ikirego | MINIJUST, INKIKO, UTURERE |

Imbonerahamwe 26:
ishusho yúko abaturage baboba imiyoborere ibabereye nímitangire ya serivisi zakozweho ubushakashatsi mu turere

| UTURERE | INKING Y'UBUKUNGU | | | | | | INKINGI Y'IMIBEREHO Y'ABATURAGE | | | | | INKINGI Y'IMIYOBORERE | | | | | IMPUZANDENGO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | UBUHINZI | UBWOROZI | IBIKORWA REMEZO | IKORANABUHANGA N'ITUMANAHO | UBUTAKA | URWEGO RW'ABIKORERA | UBUREZI | UBUZIMA | ISUKU | GAHUNDA ZO KUZAMURA IMIBEREHO NO KWITA KU BATISHOBOYE | IMIBEREHO Y'UMURYANGO NYARWANDA | INZEGO Z'IBANZE | UBUTABERA | IYUBAHIRIZWA RY'AMAHAME IMIYOBORERE | UMUTEKANO | URUHARE RWABATURAGE MU BIBAKORERWA | |
| Gasabo | 35.3% | 70.1% | 74.0% | 67.3% | 56.7% | 64.7% | 57.0% | 56.2% | 73.8% | 38.1% | 65.0% | 61.5% | 69.1% | 79.0% | 85.4% | 69.7% | **63.9%** |
| Kicukiro | 27.2% | 57.1% | 81.3% | 77.8% | 77.4% | 74.4% | 68.9% | 70.3% | 78.9% | 42.3% | 78.2% | 67.1% | 78.5% | 94.7% | 91.5% | 61.2% | **70.4%** |
| Nyarugenge | 39.5% | 83.3% | 82.5% | 72.1% | 58.1% | 67.7% | 62.7% | 63.8% | 79.9% | 36.7% | 71.7% | 64.6% | 73.4% | 79.1% | 89.2% | 61.1% | **67.8%** |
| Gisagara | 66.2% | 79.3% | 58.0% | 69.1% | 72.4% | 57.7% | 66.1% | 82.0% | 72.2% | 75.7% | 78.9% | 74.1% | 86.4% | 90.1% | 93.5% | 79.4% | **75.1%** |
| Huye | 52.9% | 78.1% | 60.1% | 67.8% | 66.2% | 57.6% | 67.4% | 75.9% | 72.7% | 59.8% | 73.8% | 64.6% | 79.1% | 84.5% | 91.9% | 76.2% | **70.5%** |
| Kamonyi | 48.2% | 77.0% | 52.3% | 64.5% | 56.1% | 65.4% | 59.1% | 71.6% | 77.4% | 63.7% | 73.6% | 63.2% | 78.0% | 80.3% | 93.7% | 67.7% | **68.2%** |
| Muhanga | 57.8% | 77.5% | 59.9% | 65.0% | 58.3% | 67.5% | 61.7% | 75.3% | 77.9% | 71.0% | 74.7% | 64.4% | 77.9% | 84.4% | 92.8% | 73.9% | **71.3%** |
| Nyamagabe | 51.8% | 66.1% | 40.0% | 54.2% | 62.0% | 54.8% | 59.3% | 69.2% | 65.4% | 69.5% | 70.0% | 59.4% | 74.2% | 82.2% | 90.5% | 73.8% | **65.2%** |
| Nyanza | 62.0% | 84.2% | 41.8% | 67.3% | 61.1% | 66.8% | 60.1% | 79.4% | 72.1% | 82.9% | 76.8% | 72.5% | 86.1% | 90.9% | 94.1% | 80.0% | **73.6%** |
| Nyaruguru | 59.4% | 75.1% | 65.1% | 62.0% | 66.6% | 61.5% | 65.0% | 67.6% | 65.8% | 68.1% | 66.0% | 54.3% | 75.4% | 82.7% | 93.1% | 72.4% | **68.8%** |
| Ruhango | 53.8% | 85.7% | 52.2% | 74.9% | 61.7% | 66.3% | 65.2% | 80.1% | 69.9% | 77.2% | 73.7% | 67.9% | 83.7% | 88.4% | 93.1% | 72.4% | **72.9%** |
| Karongi | 71.8% | 78.4% | 45.1% | 64.3% | 66.6% | 73.9% | 64.1% | 76.3% | 70.8% | 78.6% | 78.1% | 72.3% | 82.1% | 89.2% | 93.3% | 83.0% | **74.2%** |
| Ngororero | 68.0% | 74.4% | 48.0% | 62.3% | 62.5% | 70.9% | 59.8% | 75.5% | 71.2% | 82.6% | 73.8% | 72.9% | 82.0% | 87.9% | 92.6% | 84.4% | **73.0%** |
| Nyabihu | 69.6% | 82.2% | 58.3% | 67.0% | 65.8% | 71.4% | 68.7% | 80.0% | 74.7% | 78.0% | 77.4% | 71.8% | 85.4% | 91.4% | 93.4% | 87.5% | **76.4%** |
| Nyamasheke | 61.0% | 71.8% | 54.0% | 59.2% | 62.3% | 58.2% | 63.5% | 66.0% | 76.3% | 74.4% | 77.2% | 70.1% | 80.0% | 91.7% | 94.7% | 78.7% | **71.2%** |
| Rubavu | 59.9% | 71.4% | 68.0% | 65.2% | 71.4% | 70.6% | 61.2% | 71.8% | 73.5% | 76.9% | 73.8% | 70.7% | 80.5% | 87.5% | 91.8% | 84.3% | **73.6%** |
| Rusizi | 58.8% | 62.7% | 66.1% | 60.2% | 69.9% | 65.6% | 67.2% | 63.6% | 76.8% | 71.6% | 78.0% | 70.0% | 80.9% | 91.0% | 92.2% | 77.3% | **72.0%** |
| Rutsiro | 52.4% | 59.2% | 58.9% | 62.0% | 61.4% | 62.4% | 61.2% | 67.1% | 74.2% | 78.6% | 75.7% | 68.0% | 79.2% | 90.0% | 91.8% | 76.7% | **69.9%** |
| Burera | 60.4% | 76.3% | 47.9% | 60.1% | 66.5% | 59.4% | 60.6% | 76.6% | 75.2% | 68.6% | 76.1% | 67.9% | 82.9% | 86.4% | 89.1% | 80.0% | **70.9%** |
| Gakenke | 67.6% | 83.3% | 56.7% | 64.7% | 71.3% | 67.4% | 71.6% | 82.4% | 73.7% | 74.3% | 80.5% | 73.5% | 86.6% | 89.9% | 93.0% | 82.9% | **76.2%** |
| Gicumbi | 61.6% | 75.7% | 66.5% | 70.6% | 66.1% | 67.7% | 70.5% | 80.4% | 74.5% | 76.9% | 78.3% | 71.4% | 83.9% | 86.4% | 92.8% | 77.3% | **75.0%** |
| Musanze | 63.4% | 80.7% | 69.5% | 62.5% | 72.7% | 67.3% | 69.2% | 73.4% | 80.1% | 67.8% | 77.3% | 75.5% | 83.5% | 88.6% | 91.5% | 83.8% | **75.4%** |
| Rulindo | 62.9% | 84.9% | 72.6% | 75.4% | 69.5% | 77.0% | 71.7% | 82.9% | 78.8% | 77.7% | 82.1% | 75.1% | 88.1% | 90.8% | 94.0% | 82.6% | **79.1%** |
| Bugesera | 61.3% | 79.9% | 59.8% | 68.1% | 73.1% | 60.7% | 63.0% | 75.8% | 70.3% | 81.2% | 77.2% | 69.8% | 83.7% | 92.6% | 95.4% | 76.4% | **74.3%** |
| Gatsibo | 60.4% | 70.3% | 48.3% | 56.4% | 59.5% | 60.4% | 52.0% | 72.4% | 72.9% | 62.3% | 68.0% | 59.5% | 72.6% | 80.0% | 87.9% | 76.0% | **66.2%** |
| Kayonza | 59.2% | 71.5% | 58.6% | 58.6% | 65.7% | 63.8% | 56.2% | 74.0% | 71.8% | 61.8% | 64.0% | 59.7% | 72.8% | 79.9% | 90.1% | 71.5% | **67.5%** |
| Kirehe | 53.7% | 72.2% | 57.8% | 62.8% | 64.7% | 50.2% | 54.7% | 63.6% | 72.8% | 68.2% | 66.5% | 65.5% | 74.7% | 79.4% | 89.4% | 79.2% | **67.2%** |
| Ngoma | 65.9% | 78.0% | 62.6% | 63.0% | 71.2% | 59.7% | 62.3% | 66.5% | 76.7% | 69.2% | 71.2% | 74.4% | 81.8% | 85.2% | 92.4% | 85.1% | **72.8%** |
| Nyagatare | 54.7% | 60.6% | 57.8% | 53.3% | 63.7% | 58.7% | 51.1% | 66.2% | 72.9% | 58.4% | 65.8% | 59.5% | 71.7% | 77.9% | 87.6% | 77.0% | **64.8%** |
| Rwamagana | 66.0% | 83.1% | 68.7% | 66.4% | 76.1% | 69.9% | 68.1% | 81.3% | 74.5% | 65.6% | 77.6% | 72.9% | 81.3% | 93.0% | 93.1% | 74.5% | **75.8%** |
| **IMPUZANDENGO** | **58.5%** | **74.9%** | **60.0%** | **64.6%** | **65.7%** | **64.3%** | **62.6%** | **72.4%** | **73.9%** | **68.0%** | **73.5%** | **67.7%** | **80.1%** | **86.2%** | **91.6%** | **77.2%** | **71.3%** |

www.rgb.rw | info@rgb.rw | @GovernanceRw | Rwanda Governance Board - RGB | P.O Box 6819 Kigali

Rwanda Governance Board

# URWEGO RW'IGIHUGU RW'IMIYOBORERE

Ubushakashatsi ku "Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye - Citizen report Card (CRC)" bukorwa buri mwaka n'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB), mu rwego rwo kugaragaza ibyo abaturage bashima n'ibyo banenga mu mitangire ya serivisi ndetse n'ibisabwa ngo irusheho kunozwa.

Uyu mwaka, ubu bushakashatsi bwakorewe ku byiciro 16 bikubiye mu nkingi eshatu za gahunda ya Leta y'Imbaturabukungu ku buryo bukurikira:

**UBUKUNGU:** Ubuhinzi, Ubworozi, Ibikorwaremezo, Ikoranabuhanga n'itumanaho, Ubutaka, Servisi zitangwa mu rwego rw'Abikorera;

**IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE:** Uburezi, Ubuvuzi, Isuku , Gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye, Imibereho y'umuryango nyarwanda;

**IMIYOBORERE:** Serivice zitangwa n'inzego z'ibanze, Ubutabera, Iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi, Umutekano, Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa.

Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) rwashyizweho n'itegeko No 56/2016 ryo ku wa 16/12/2016, riruha ubwisanzure n'ubwigenge mu kurangiza inshingano zarwo (Ingingo ya 2 n'iya 3), ndetse n'ububasha kugira ngo rurusheho kuba umusemburo w'imikorere n'imiyoborere myiza bitsura iterambere ry'umuturage n'iry'igihugu cyacu.

Muri izo nshingano harimo: gukora ubushakashatsi ku miyoborere mu Rwanda no kugaragaza uko abaturage babona ibibakorerwa; guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza, demokarasi, imikorere n'imitangire ya serivisi zinoze no kubigiramo inama Guverinoma n'izindi nzego bireba. Mu ngingo ya 6 y'iri tegeko Urwego RGB ruhabwa ububasha bwo gusaba ibisobanuro nzego za Leta n'iz'abikorera zidakora neza, no gusabira ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi inzego cyangwa abakozi bagaragaweho imikorere mibi.

Ingingo ya 29 y'iri tegeko kandi iteganya ko Urwego RGB rushyikiriza raporo na gahunda y'ibikorwa by'umwaka Perezida wa Repubulika n'Inteko ishinga Amategeko imitwe yombi iteranye, rukagenera kopi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Minisitiri w'Intebe.

www.rgb.rw | info@rgb.rw | @GovernanceRw | Rwanda Governance Board - RGB | P.O Box 6819 Kigali

United Nations RWANDA | UNDP

ISSN 2307-2431
9 772307 243008